# Nkuko Ikizu Kirinda

Tulsa, Oklahoma, USA

03 Mata 1960

1 Tugume duhagarare akanya gato ku bw'isengesho. Yoo, aya materaniro ya nyuma buri gihe antera agahinda. Mu buryo bumwe cyangwa mu bundi, kandi iyo twongeye guhura, kandi tukamenyerana, rwose, noneho tugatangira gusabana, ni icyo gihe rwose tuba tugomba kujya ahandi. Ibyo birambabaza. Ariko iyo dutekereje ku gihe kizaza, ntegereza umunsi twese tuzaba turi hamwe kandi tuzaba turi ahantu hamwe, wenda, Yesu aje mbere yuko duhurira ku isi, aho tutazongera na rimwe gutandukana. Ndibaza abashaka kwibukwa ku Mana iki gicamunsi mu gihe tuzamuye ibiganza byacu mu isengesho ? Umwami abahe umugisha. Twubike imitwe yacu mu kanya gato.

2 Mana Ishobora byose, Umuremyi w'ijuru n'isi, Umuremyi w'Ubugingo Buhoraho, Wowe utanga buri mpano yose nziza, tuje mu gicucu k'imbabazi Zawe, binyuze mu isengesho mu Izina rya Yesu Umwana Wawe, kugira ngo tuguture amashimwe yacu ku bw'iri teraniro ry'i Tulsa, ku bw'icyo risobanuye kuri twe - umwanya mu mutima wacu tutazigera twibagirwa, ku bw'aba bantu beza, Umwuka Wawe Wera muri bo. Mbega ukuntu byari ubusabane ! Gukorwaho gake n'Ijuru mu buzima bwacu, ubuzima tutazigera twibagirwa.

Data, turasaba, ngo Umwuka Wawe agume muri aba bantu. Reka, binyuriye muri iri teraniro rito, ububyutse busandare muri buri rusengero muri aka gace kose. Reka ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza bikomeye bikorwe. Turagusaba, Mwami, gutanga ibi bintu.

3 Iki gicamunsi, kuri uru ruhimbi hari imiswaro n'ibitambaro bito biri bwoherereżwe abarwayi n'abafite intimba. Mana Ishobora byose, ndagusaba, mu Izina rya Yesu, ko buri murwayi wese ibi bizashyirwaho azakira ; si isengesho ryange gusa, Data, ahubwo ni n'iry'iki cyumba kinini cyuzuye abakiristo iki gicamunsi. Turitanze n'umutima umwe ku bw'abari mu bibazo.

Mwami, turagusaba kuduha umugisha mu mirimo ikurikira y'uyu munsi. Turasabira insengero iri joro. Reka muri make habe ubwiza n'ibyishimo bitavugwa muri buri rusengero. Duhe kuboneka Kwawe kwinshi iki gicamunsi. Reka Umwuka Wera yinjire mu Ijambo, noneho Jambo ahinduke umuntu muri twe kandi Agumane natwe aha iki gicamunsi. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina. Mushobora kwicara.

4 Kuri buri mukozi wese, ku bantu bose bakora, ku murinzi w'ibikoresho, ku bashinzwe umutekano, n'abandi bose, ku bwange no ku bw'ikipe dufatanya : Mwene Data David, mwene Data Roy, Billy Paul, Loyce, mwene Data Fred Sothmann, mwene Data Jim Maguire, mwene Data Gene, na Leo, twese turashaka kubashimira, mwebwe mwese, ku bw'umutima mwiza wanyu no ku bw'icyo mwabaye kuri twe muri iki gihe cy'aya materaniro y'uruhererekane. Mwabaye abantu beza nta gushidikanya. Mbega icyubahiro n'urukundo twarunze mu mitima yacu ku bwanyu ! Ibyo ntibizigera bihanagurwa na rimwe. Ntibihanagurika. Kandi twiringiye ko Imana izabaha mu buryo bwinshi kandi butagira urugero birenze ibyo mushobora ndetse gutekereza cyangwa gusaba. Imana ibibahe bijyanye n'ubutunzi bw'ubuntu bw'Umwana Wayo, Yesu Kristo.

5 Mwene Data Tommy Osborn (Ari aha mu iteraniro), Umwami abane na mwene Data Tommy. Mwene Data Oral yatangiye iki gicamunsi, kandi ndatekereza ko umutsi cyangwa ikintu nk'icyo cyacitse mu kuguru kwe. Umurimo ukirangira, ndafata urugendo kugira ngo nge kumusengera. None ubu, ku ikipe yose ya mwene Data Roberts n'iya mwene Data Tommy, ku matorero n'abandi bose, Imana ibane namwe, iryo ni ryo sengesho ryange. Muzahora mu mutima wange kuva ubu ; kandi Tulsa izabeho iteka. Kandi umurimo w'Imana uzahagume, ngiryo isengesho ryacu.

Twiringiye kuzagaruka muri mwe igihe kimwe. Kandi wenda tubaye amahirwe kuri mwe mu buryo runaka. . . Nakundaga kuvuga ibi : Ijoro ntirizigera na rimwe ryijima cyane n'imvura ntizigera igwa cyane ngo bitubuze gukora ikintu kijyanye n'ubushobozi bwacu kugira ngo dutume ubuzima bwanyu bworohamo kandi buba ubw'umugisha. Niba dushobora kubaha ubufasha runaka, muzabitumenyeshe gusa. Muzaduhamagare gusa i Jeffersonville, Indiana, Butler 2-1519, cyangwa rwose muzampamagare i Jeffersonville. Dushobora kubohereza igitambaro cyasengeweho, kubasengera, rwose ibyo dushobora byose. Turi abagaragu banyu mu Mwami.

6 Rwose birababaza kugera ku musozo w'umurimo gutya, mu gihe twagize ibihe bihebuje cyane, ariko rimwe na rimwe, tuba tugomba kugenda uko byagenda kose, tuzi ibi ko, rwose ku rundi ruhande rw'umugezi, umunsi umwe, igihe ubuzima buzaba burangiye burundu kandi nkaba nzaba nicaye kuri ayo meza maremare azava ku ruhande rumwe rw'ijuru ajya ku rundi, ifunguro rw'ubukwe, noneho tukarebana iruhande rw'ameza, tuzibuka ibi bihe i Oakland.

Nta gushidikanya ko amarira make azadutemba ku matama, kandi Umwami, mu bwiza Bwe bwose, azasohoka mu ikanzu Ye nziza y'umweru, azahanagura amarira yose ku maso yacu kandi azavuga ati : « Ntimwongere kurira ukundi. Ubu byose birarangiye. Mwinjire mu munezero w'Umwami wateguwe ku bwanyu kuva isi yaremwa. » Ni ku bw'iyo saha mbayeho.

7 Ndareba abakozi bange dufatanya aha, kandi ndabona ko benshi muri bo banduta, nta gushidikanya

ko bahagararaga aha mu muhanda na gitari hamwe n'ingoma, batunganya umuhanda, bashyiraho amabuye kandi batunganya ahantu hataringaniye kugira ngo ubu bukozi Umwami yampaye bushobore kugendera mu muhanda mu buryo bworoshye.

Bene Data b'igiciro, ndumva ntakwiye guhagarara aha hejuru naho mwebwe ngo muhagarare hasi. Ni byo. Niba hariho icyubahiro runaka cyo gutangwa, ni mwebwe kigarukaho. Imana ijye ihora ibaha umugisha mwinshi. Kuri uwo munsi, igihe bazatanga ingororano, nizeye ko nzaba mpari, noneho nkababona babambika ikamba ry'ubwiza Bwe.

Mu kanya gato, navugishaga umukozi aho inyuma. Izina rye, ni mwene Data Nathan, ni ko yavuze. Akora mu Bayahudi. Yaravuze ati : « Mwene Data Branham, igihe wari uri aha ijoro rya mbere [We n'umugore we - yari arwaye], kandi yaravuze ati : « mwamuvugiye mu iteraniro, mwambwiye uwo ndi we kandi mwavuze ku mugore wange no ku burwayi bwe. » Yaravuze ati : « Ameze neza kuva icyo gihe, ameze neza mu by'ukuri. » Kandi ndetse, n'amabaruwa menshi meza n'ubuhamya bwiza.

8 Noneho, birashoboka ko mudafite umuswaro wanyu aha. Niba dushobora kubafasha mu buryo ubwo ari bwo bwose, kuboherereza udutambararo… Noneho, hazabaho uburyo buto bwo gukora ibintu ; dufite lisiti y'amasengesho izenguruka isi. Abantu bahaguruka ku masaha yose y'ijoro mu kurinda iyo lisiti y'amasengesho. Ku gihe kemewe cyo mu Burasirazuba, dusenga saa tatu zuzuye mu gitondo, saa sita zuzuye na saa kenda zuzuye. Ayo ni amasaha y'igitambo yo mu isezerano rya kera ry'Abayahudi. Kandi ni gutyo dusenga, kandi abantu, ku isi yose, bahaguruka ku masaha atandukanye mu murongo umwe muremure w'isengesho ; twese tugasengera rimwe, dusabirana. Ku bw'ibyo, ndahamya ko Imana izasubiza isengesho. Hakorwa ibintu bihebuje mu Bwiza Bwe. None turashaka kubashyira ku rutonde rwacu rw'amasengesho kugira ngo muge musengana natwe kuri ayo masaha.

9 Noneho ubu, nta gushidikanya mu gihe gito, nzaba ndi hakurya y'inyanja na none, Umwami nabishaka. Turi kwegeranya amafaranga make aha. Kuri ibyo, (Umwami yanyemereye kubivuga kugira ngo nshobore kubyibuka. Twegeranyije amaturo abiri y'urukundo, ndatekereza, ku bwange. Muzi ukuntu mbikunda. Rwose, nta n'ifaranga na rimwe nzunguka ku bwange. Ajya mu kigega k'itorero ku bw'imirimo yo hakurya y'inyanja. Kandi tuzakora ibyo dushoboye byose kugira ngo ducunge ku buryo ayo mafaranga azakoreshwa mu nyungu z'abantu badashobora kumva Ubutumwa Bwiza, badashobora kuza. Tuzakora ibyo dushoboye byose. Imana ibahe umugisha mwinshi rwose, ni isengesho ryange rivuye ku mutima.

10 Noneho ubu, niba mushaka kimwe muri ibi bitambaro twasengeyeho, muzanyandikire gusa. Rwose Agasanduka k'iposita ni 325, cyangwa Jeffersonville, Indiana - bizangeraho. Kandi niba mushaka kubigumana muri Bibiliya yanyu, muzabishyire mu Byakozwe 19. Kandi abantu benshi barambwiye bati. . . Umudamu umwe yaravuze ati. . . Ndatekereza ko umuhungu we yagonzwe n'imodoka, yavaga amaraso byo gupfa bitewe n'igikomere cyatewe n'ikirahure, ubwo noneho, yirutse yihuta cyane, afata igitambaro (yabaga mu cyaro), noneho arambika icyo gitambaro gito kuri uwo muhungu, noneho amaraso ahita ahagarara uwo mwanya. N'ibindi bintu byinshi nk'ibyo

Umugore mu Budage yari yararemaye. (Ibyo bibabwira icyo gukora : guteranira hamwe n'abaturanyi b'Abakiristo igihe ibyo bitambaro mubirambitsweho, cyangwa ku mutima wanyu.) Kandi yaravuze ati, nyuma yuko byose bikurikijwe uko biri, yari yararemaye mu gihe k'imyaka myinshi, noneho aravuga ati, igihe yabyumvaga, yaravuze ati : « Satani, ubu, nta mwanya ugifite ku kindi kintu icyo ari cyo cyose. Mva imbere. » Yavuye mu ntebe y'abamugaye noneho agenda yigenza. Ni ibintu byoroshye nk'ibyo. Murabona ? Rwose, niba hari icyo mwifuza, nta mafaranga bisaba, ni ubuntu. Muzohereze gusa noneho tuzakiboherereza uwo mwanya mu butumwa - iposita.

11 Noneho, tuzaboherereza urupapuro rufite amabwiriza y'uko muzabigenza, ariko mwibuke, njyewe ubwange nasengeye ku bitambaro tuboherereza.

Iyo umwana wange arwaye, umugore wange, cyangwa papa, mama, kandi nkaba mfitiye ikizere isengesho ry'umuntu, sinakwifuza isengesho ry'umunyamabanga ; nakwifuza ko bamusengera. (Muge mukorera abandi ibyo mwifuza ko babakorera) : ni itegeko rya zahabu. Ku bw'ibyo, nta gushidikanya tuzashimishwa no kubafasha uko tubishoboye kose. Ubu noneho Imana ibahe umugisha. Kandi ibyakozwe byose, byakozwe mu guca bugufi kwinshi no mu rukundo, kandi ibyo turabyishimira cyane.

12 Mu by'ukuri, iyo ndi hakurya y'inyanja, buri gihe biba bikomeye, kuko abarozi n'abakonikoni, ntibatinya kubagabaho igitero. Mu gihe cya vuba, ahantu runaka, hari abarozi hafi cumi na batanu kuri buri ruhande, bafokesha, bavuze ko bahamagara inkubi y'umuyaga kandi ukampuha. Mubyizere cyangwa ntimubyizere, inkubi y'umuyaga yarakubise. Hafi abantu ibihumbi mirongo itatu, kandi n'aho hantu haranyeganyeze mu buryo bushoboka bwose. Mwene Data Arganbright wo mu Ishyiramwe ry'Abagabo bakora Ibikorwa bya Gikristo (Christian Businessmen ) (mwebwe bene Data muramuzi), yari yicaye iruhande rwange. Yaravuze ati : « Mwene Data Branham. . . » Ndavuga nti : « Tuza rwose. Umwuka Wera yantumye aha. » Ni yo mpamvu ntakunda kujya ahantu runaka iyo Atabanje kuntuma, ubwo rero mba nzi neza ko nshobora kuza mu Izina ry'Umwami. Murabona ? Naravuze nti : « Ni We wantumye aha. » Kandi bari bafite inyubako nini yubatse rwose, aho. . . rwose nk'imbaho ebyiri kuri enye, n'ibitambaro

bimanitse hejuru ; kandi iyo nyubako yavaga hejuru ijya hasi. Yuzuye mu. . . ahagana saa munani, ikirere cyari gikeye ku buryo bushoboka ; noneho iyo nkubiri y'umuyaga irakubita mu minota mirongo itatu.

13 Noneho ubwo, narahagaze, ndavuga nti : « Ibi ntimugomba kubisobanura. » Numvise izo mbaraga z'amadayimoni zituruka impande zose, bari bicaye aho, bahindukiza ibiganza byabo hamwe n'amababa, hamwe n'imikasi. Muzi ukuntu babigenza. Noneho ndavuga nti : « Mwami Mana, Umuremyi w'ijuru n'isi, ni Wowe wantumye aha ; ni Wowe ushinzwe umurimo ngukorera. Nirukunye iyi nkubiri y'umuyaga mu Izina ry'Umwami Yesu. »

Kandi byahise bigenda, inkuba zahunze zihinda, izuba ricana mu minota itageze kuri ibiri, aho. Noneho ibihumbi byirukiye ku gicaniro, abafite ibitekerezo bya gikominisiti n'abandi bose. Noneho ni gute. . . Sinshobora guhagarara aha ngo mbabwira ubuhamya, kuko byabereye mu iteraniro ryange bwite. Byaba byiza abandi babikoze. Ariko insomero. . . Navuga ko hari igitabo cya encyclopedia, hashobora kuboneka ibitabo byinshi byanditswe ku byo nabonye Umwami Yesu akora mu bukozi bwange bwite buto. Ni iki mutekereza ko byari bubeho ku bukozi bw'abantu nka Tommy Osborn, mwene Data Oral Roberts ? Birahebuje ; Umwami wacu arahebuje ; nta gushidikanya.

14 Noneho, ndashaka gusoma umurongo w'Ibyanditswe iki gicamunsi. Kandi mfite imirongo imwe yanditse aha, niba nshobora kubivugaho. Ku bw'ibyo rero, nizeye ko umuhungu wange yambwiye ko yatanze amakarita yo gusengerwa, kandi turi busengere abarwayi.

Wenda ntongeye kubona umwe muri mwe, wenda ntongeye kubabona muri ubu buzima aha, igihe nzabasanga ku rugi mbere yuko twinjira ngo duhagarare imbere ya Kristo, amayerekwa ava ku Mana ni ukuri kandi aragaragara. Marayika w'Umwami muri iyo Nkingi y'Umuriro n'Urumuri, ndavuga ukuri, Imana Ishobora byose, Umucamanza wange, Biri aho. Ni ukuri. Ni ukugira ngo mumenye ko ari Ukuri. Imana ni Inyakuri. Ntishobora kuba inyakinyoma ngo ibe Imana. Ntishobora kuba inyakinyoma, kubera ko Igomba kuba inyakuri. Niba hari ikintu k'ikinyoma, ni Satani. Ariko urwo rumuri, nararubonye, nararwitegereje, kandi kuri nge. . . Ndabasabye, mumbabarire, niba ndi gukora sakiriregо, ariko kuri nge, ni Inkingi imwe y'Umuriro abana ba Isirayeli bakurikiraga, kuko Yatuye mu Muntu witwa Yesu, wari Umwana w'Imana, kandi Ubuzima Yabayemo bwarongeye buragaruka uyu munsi binyuze mu kintu kimwe.

15 Yaravuze ati : « Mvuye ku Mana, kandi Ngiye ku Mana. » Twese turabizi. « Navuye ku Mana, kandi Ngiye ku Mana. » Yaravuze ati : « Ndi Ndiho. » Byari Inkingi y'Umuriro, byari Marayika mu gihuru. Yahindutse umuntu kandi atura muri twe, Yasubiyeyo, Aracyari mu ishusho imwe uyu munsi. Ibyo mwari mubizi ?

Muzavuga muti : « Yesu yari. . . » Rwose, ndi kuvuga ku Mana yari muri Yesu. Igihe Pawulo yari mu nzira ye ajya i Damasiko, umucyo umukubita hasi, inkingi y'umuriro. Nta n'umwe mu bandi wabibonye. Ariko Pawulo yarabibonye. Wari mwinshi ku buryo wamuhumishije.

Noneho aravuga ati : « Uri Nde Mwami ? »

Aravuga ati : « Ndi Yesu. »

Yari yaragarutse ku Mana aho Yaturutse. Kuri nge, ni We na none uyu munsi, asohoza umurimo We muri twe, itorero, mu minsi ya nyuma.

16 Reka tuge mu Gutegeka kwa kabiri 32 :11 kugira ngo dufate inyandiko nto tugenderaho. Kandi turaza kugerageza gukora umurongo w'amasengesho mu isaha imwe, niba bishoboka. [Umugore atanga ubuhanuzi mu materaniro.] Oh, Mana Data, mbega ukuntu mbyemeye nciye bugufi mu mutima wange. Yobora intambwe zange ; mfata ikiganza, Mwami. Reka sinzigere na rimwe mba ibuye risitaza ku muntu n'umwe, ahuhwo nzabe ibuye riteza intambwe kuri buri mugenzi. Bitange, Mwami. Reka sinzigere na rimwe ngira ikintu nkora na kimwe mu buzima bwange gishyira igicucu ku Izina Ryawe cyangwa ku mpamvu Yawe. Kandi nzakora ibyo nshoboye byose kugira ngo nkukorere. Ndagushimiye ku bw'ibyo mu Izina ry'Umwana Wawe, Yesu Kristo, Umwami wange. Amina.

17 Mbega ukuntu ibyo bicisha bugufi umutima wange. Gutegeka kwa kabiri 32.11. [Ubundi buhanuzi buratangwa.] Amina. Izina ry'Umwami rihimbazwe. [Ubundi buhanuzi buturuka mu bantu bari kumva.] Mbega ukuntu dushimira Umwami ku kuba dufite Umwuka We ukorera muri twe, hagati muri twe.

> *Nk'uko ikizu gikangura ibyana byacyo, kigahungiriza amababa hejuru yabyo, kigatanda amababa kikabijyana, kikabiheka ku mababa yacyo.*

Si umurongo muremure w'Ibyanditswe, ahubwo ni Ijambo ry'Umwami. Birahagije aho wenda ngo Imana mu minota makumyabiri cyangwa mirongo itatu ikurikira iduhe ubusobanuro buri butume abantu bakanguka kandi bagatekereza ku Mwami Yesu.

18 Murabizi, rimwe na rimwe. . . Nasomye inkuru, hashize imyaka mike, mu buzima bwa Abraham Lincoln. Hari umuntu wari muri gereza, yari yaraciriwe urubanza n'urukiko rwa Leta Zunzwe Ubumwe. Yari agiye

kuraswa, noneho inshuti ye y'amagara yagiye kureba perezida Abraham Lincoln, umukiristo utangaje. Yaravuze ati : « Bwana Lincoln, nzi ko uri umuntu mwiza, ko uri umukiristo ; kandi uwo mugabo yaciriwe urubanza n'urukiko rwa Leta Zunzwe Ubumwe kuko yishe itegeko rigenga igisirikare. Ni inshuti yange. Ntiyari abigendereye. Yahamijwe icyaha ko yabikoze. Ntiyabishakaga. Ntimwakwemera, ndabasabye. . . Ni mwebwe muntu wenyine ushobora kurokora ubuzima bwe. Ntimwakwemera kurokora ubuzima bwe ? » Noneho ku bw'ineza ya Bwana Lincoln. . . afata ikaramu ye noneho yandika ku gice cy'urupapuro (kuko atari mu biro bye icyo gihe ngo ashyireho ikirango kemewe n'amategeko) ; noneho ubwo, yaranditse ati : «Mbabariye uyu mugabo », noneho yandika izina rye, Abraham Lincoln.

19 Inshuti y'igiciro y'uwo mugabo yiruka yihuta uko yashoboraga kose ajya kuri gereza, noneho aravuga ati : « Yoo, nshuti yange, urafunguwe ! Dore izina rya perezida kuri uru rupapuro. Urababariwe ! »

Noneho uwo mugabo aravuga ati : « Winshinyagurira, kuko niteguye ubu gupfa ; kubera ko naciriwe igihano cy'urupfu, none dore uje aha kunshinyagurira witwaje agace k'urupapuro. Iyo aka gace k'urupapuro kaza kuba imbabazi za Abraham Lincoln, kari kuba gatatse amabara y'ibirango n'ibindi. »

Aravuga ati : « Mugenzi, dore izina rya perezida. Wababariwe. » Noneho uwo mugabo abitera umugongo kandi ntiyashaka kubyumva. Bukeye bwaho mu gitondo, mu museso, yarasiwe mu kibuga barasiramo.

Nyamara, aho hari imbabazi za perezida zavugaga ziti : « Ntimwice uyu mugabo », byashyizweho umukono ku munsi wa mbere ; ku munsi wakurikiyeho uwo mugabo yararashwe. Ubwo noneho, icyo kibazo cyajyanwe imbere y'urukiko rwa Leta Zunze Ubumwe ; noneho igihe urukiko, urukiko rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rwaciye urubanza kuri icyo kibazo, dore ikemezo cy'urukiko : « Imbabazi ni imbabazi gusa igihe zemewe nk'imbabazi. »

20 Ni kimwe no ku Ijambo ry'Imana. Ni ugukira indwara kuri mwe niba mubyemeye nko gukira indwara. Ni imbabazi kuri mwe niba mubyemeye nk'imbabazi. Buri mugisha aha imbere ni uwanyu niba muwemeye nk'uko Imana yawanditse. « Nk'uko ikizu gikangura ibyana byacyo, kigahungiriza amababa hejuru yabyo, kigatanda amababa kikabijyana. . . » Ni inshuro zingahe natekereje icyo. . . Imana yasanishaga umugabane Wayo n'ibizu. Kandi mbona muri Bibiliya ko Imana Ubwayo yitwa Ikizu. Ni Yehova Kizu. Noneho Ibigenza ite ?

Rwose nkunda ibidukikije, rero na. . . Bibiliya yange ya mbere yari ibidukikije. Rwose nimwitegereza ukuntu ibidukikije bikora, mushobora kubona Imana. Ahantu hose mureba, muzabona Imana, niba mufite Imana mu mutima wanyu kandi muzabibona.

Iyo bavuze ku byo kuzuka n'ibindi bintu, ibyo ni ubusazi ; ntibishobora kubaho. Tubona ko ikimera gipfa, kijya mu butaka ; umuzi ukabora ; ibyo bikongera kubaho : ni umuzuko. Kandi ubukristo bwose bwubakiye ku muzuko. Kandi dushobora kubona ko ari ukuri : urupfu, guhambwa n'umuzuko. Iki, amatumba, ibyaremwe byose birahura.

21 Bibiliya yange ya mbere kwari ukureba ukuntu ibyo biti byapfaga, ukuntu imimere yongeraga kuzamuka, ukuntu umuyaga wahuhaga hejuru, n'ukuntu ibyo byagarukaga ; ukuntu ururabo ruto rwari rwarapfuye rwongeraga kubaho. N'ibyo bintu byose bitandukanye, ibyo byamenyesheje ko ahantu runaka hari imbaraga y'umuzuko.

Rwose, igiti gifite ubuzima bufite iherezo ; dufite ubuzima budapfa. Igiti kizagira iherezo rya nyuma ; twebwe, habe na rimwe. Dufite Ubugingo budapfa.

22 Noneho, natangiye kwiga ikizu maze gusoma aho. Bimeze gute ku kizu ? Nabonye ko ikizu ari inyoni idasanzwe. Ishobora kuguruka hejuru cyane kurusha iyindi nyoni yose ibaho. Ni inyoni ifite imiterere idasanzwe. Yubaka icyari cyacyo mu rutare, aho hejuru cyane. Ni inyoni idasanzwe. Kandi ikindi kintu, amababa yacyo arafashe cyane ku buryo... ntimushobora kuyapfura mukoresheje ipense. Ni inyoni nini cyane, imwe mu nyoni nini cyane ziriho, ni inyoni idasanzwe. Ariko iremye mu buryo budasanzwe kubera ko ifite umurimo udasanzwe wo gukora. Ijambo ikizu bishatse kuvuga ikiranduzanya umunwa wacyo. Kandi kirisha umunwa wacyo, ikintu kiza cyane k'Ijambo ry'Imana : kirisha umunwa ku munwa, Imana igaburira abana Bayo.

Hanyuma, kikubaka icyari cyacyo hejuru, kibikora ku bw'impamvu, n'ibindi byose. Noneho, niba ikizu kigira ibaba rifite imbaraga cyane, ni ku bwo gucungura. Kandi ikindi kintu kidasanzwe ikizu gikora, ni uko cyongera kikaba igisore. Ikizu, nyuma y'igihe kirekire cyane, kigira impinduka noneho uwo mwanya kigahinduka igisore, kirongera kikaba igisore. Kirongera kikaba igisore. Ni igishushanyo k'itorero, cy'ubwoko bw'Imana. Bitubaho ko ducika intege twavuga ko dusaza, hanyuma mu kanya gato, Umwuka Wera ukaza, noneho ukongera ukatugira bashya. Imana igarura bushya imyimenyerezo n'ubusore bw'itorero Ryayo, iriha imyimenyerezo mishya. Ni igishushanyo k'ikizu.

23 Hashize imyaka mike, nakundaga kugenda ku ifarashi, mu rwuri, kandi twari aho ku Mugezi wa Troublesome muri Colorado. Noneho Ishyirahamwe ry'inka zo mu bwoko bwa Hereford ryarishaga aho mu

rwuri rwa Arapho, n'ibindi byose, aho hejuru ku misozi, natwe, twajyanaga amatungo aho hakurya, hanyuma mu gihe cy'umuhindo, twarongeraga tukayashaka ; tukayashyira mu ishyamba rya Leta ; hanyuma ubwo, twayahingiraga ibyatsi mu bibaya kugira ngo tuzayagaburire mu iki.

Kandi buri mwaka najyaga guhiga ; ndacyabikora. Inshuti yange, twagarukagayo nyuma yuko abandi bose baturutse mu mugi babaga bavuye aho kandi barashe imparakazi, ifumberi, inyana, ibimasa bishaje by'indwanyi, inyemera zari aho imbere. Noneho, igihe cyose tugaruka aho hejuru, aho tudashobora kugera, duca ingando aho inyuma. Iyo ifashe ikerekezo k'iburasirazuba cyangwa uburengerazuba, kimwe muri byo, ngewe, mfata ikindi. Twamaraga iminsi myinshi mbere yo kongera guhura.

24 Sinzibagirwa umwaka umwe, ubwo urubura rutagwaga. Twari mu Kwakira, mu ntangiriro z'icyo gihe. (season). Noneho iyo urubura ruguye ku musozi, ubwo, wenda mu Kwakira, ubwo hazabaho igicamunsi kiza cyane, hanyuma wenda ku yindi saha imwe urubura rugwe. Hanyuma, imvura ikaza kugwa, hanyuma izuba rikaza kurasa : impinduka zikomeza z'igihe. Ariko noneho, iyo urubura ruguye, rwirukana inyemera n'imparakazi, izo nyamaswa nini zitura aho hejuru, kure y'urusaku rw'iterambere ; bituma zihungira mu kibaya. Aho ni ho muri rusange dufatira umuhigo.

25 Uwo mwaka, urubura ntirwari rwakongeye kugwa, kandi nari aho kure hejuru, nari nasize ifarashi yange mu birometero byinshi inyuma, nari nayiziritse ku buryo yabona ahantu hanini n'ibyatsi kugira ngo irye, kandi naragiye ngera mu mpinga, aho hejuru ; nagendaga nitegereza.

Icyo gicamunsi, inkubi y'umuyaga yarakubise, izenguruka imisozi, iherekejwe no guhinda kw'inkuba no kurasa kw'imirabyo. Noneho, nihisha inyuma y'igiti, nagumye guhagarara irihande rw'igiti kugeza umuraba urangiye. Ibyo byaguye mu biti. Aho hari igiti cyakubiswe n'umuyaga. Noneho ubwo nari mpagaze inyuma y'icyo giti, ntegereje ko inkubi y'umuyaga irangira, nari mpagaze aho, ndimo ntekereza. Nari negetse imbunda yange ku giti. Hanyuma, igihe inkubi y'umuyaga yari irangiye, natekerezaga ku Mana, ukuntu Yari ihebuje. Kandi mu gihe inkubi y'umuyaga yacagaho, imiyaga ikonje yarahuhaga, kandi ibyo byatumye amazi ahinduka urubura cyane ku biti bifite amababi akomeye, twavuga ko ari urubura rwatenderaga. Noneho, igihe izuba ryarasaga, aho kure iburengerazuba, nashoboraga kubona izuba ritera imbone mu mwenge wo mu musozi, kandi byasaga nk'ijisho ry'Imana.

26 Murabizi, Imana iba ahantu hose. Mushobora kuyibona ahantu hose, mubashije kuyishaka. Irahari, mugomba kuyibona. Izaba ihari. Iri aha ubu ndetse. Nimushobora gusa kureba impande zose, muzayibona. Noneho ubwo, mu gihe nari mpagaze aho, nitegereza uko kurenga kw'izuba, nazamuye ibiganza, ndavuga nti : « O Yehova Mana ikomeye, amaso Yawe azenguruka isi yose. » Icyo gihe ndetse, numvise kwabira kw'inyemera y'ikigabo. Yari yakuwe mu mukumbi n'inkubi y'umuyaga, kandi yasakuzaga ku buryo buteye ubwoba gutyo. Noneho numva umukumbi uyisubiriza aho, aho hantu.

Noneho aho ku musozi, ikirura gishaje k'ikijuju cyatangiye guhuma, noneho kigenzi cyacyo gisubiriza mu kibaya. Narebye mu kibaya, hagati y'umusozi no ku mpera y'iburasirazuba, hari umukororombya. Noneho, mu bigaragara aho narebaga hose, Imana yari ihari.

27 Mama wange ni Umuhinde kazi igice kimwe. Aturuka mu bwoko bw'Abahinde b'aba Cherokee, kandi nyina yafashe amafaranga y'izabukuru (pension). Guhinduka kwange ntikwigeze na rimwe kubinyambura. Hari ikintu nkunda mu mashyamba no mu kirere. Igihe numvaga icyo kirura gishaje gihuma na kigenzi cyacyo kigasubiza, amarira yatangiye kuntemba ku matama. Numvise iyo nyemera ishaje y'ikigabo itakira aho, ishaka umukumbi wayo. Uwo warasubije.

Narebye umukororombya noneho ndavuga nti : « Yego, Imana na Yo irahari. » Ni Alufa na Omega. Imana ni amabara, isezerano mu mukororombya. Imana iba ahantu hose, mushoboye gusa kuyishaka.

28 Nari nishimye cyane, nazamuye gusa ibiganza kandi amarira yantembaga ku matama. Nguma kuzenguruka icyo giti nihuta cyane. Nari mfite igihe gihagije. Nta muntu wari uhari ku burebure bwa 48 km, nagendaga nsimbuka kandi nsakuza byo gupfa. Mvugishije ukuri, iyo haza kuba hari umuntu wambonye, aba yaratekereje ko natorotse ibitaro by'abarwayi bo mu mutwe. Ariko ibyo nta cyo byari bimbwiye na gato ; nari mfite ibihe byiza. Naramyaga Umwami, Imana yange. Ibyo nta kintu byahinduraga kuri nge, icyo undi muntu yari butekereze.

Nari ndi mu bihe byiza gusa, rwose nguma kuzenguruka icyo giti. Hanyuma, naje guhagarara ngo numve icyo kirura, namara kucyumva, hanyuma, nkongera nkasakuza, hanyuma nongeye kuzenguruka icyo giti.

29 Noneho hari ikintu kimwe narakaje. Hari inkima ntoya yo mu biti. Sinzi niba muzi cyangwa mutazi uko zisa aha i Oklahoma, ni ikiremwa gito gishashagirana, gifite hafi ingano nk'iyo. Ni umupolisi w'umwenda w'ubururu wibera mu biti. Rwose ni. . . irasakuza cyane, kandi nta kintu na kimwe igira. Yasimbukiye hejuru mu giti, noneho itangira : « gusakuza, gusakuza, gusakuza, » rwose cyane mu buryo bwose yashoboraga. Noneho ndatekereza nti : « Nta kintu bimaze kukurakaza. Ndi kuramya Umwami. Niba utabikunda, itegereze ibi. » Noneho nongera kuzenguruka ubudacogora, n'imbaraga zange zose. Kandi

naravugaga nti : « Birahebuje, si byo ? Umuremyi Wawe, Imana yange. . . Dore na none turahari. » Kandi nagumaga kuzenguruka ubudacogora gutyo. Noneho mbona icyo kiremwa gito cyunamishije umutwe wacyo muto ku ruhande, kireba igiti cyakubiswe n'umuyaga.

30 Twavuga ko atari ngewe wari wayirakaje. Hari ikindi kintu cyayirakaje. Noneho, naribwiye nti : « Witekereza ko ndi gukora ibintu bisekeje, kuko kuri nge ntarimo gukora ibintu bisekeje. Nzi ko Iri kumpa umugisha. Noneho, nawe ushobora kwifatanya nange. » Noneho, ubwo, nashoboye kureba : inkubi y'umuyaga yahatiye ikizu kinini kumanuka. Cyari cyahatiwe kumanukira mu… Cyari cyamanutse hasi, nta gushidikanya kugira ngo kirye. Nticyashoboraga kubona… kuronka... kujya hejuru y'umuyaga, ku bw'ibyo wakimanuye hasi mu bihuru. Cyari hasi munsi y'ibyo bihuru ; ibyo ni byo byateraga umujinya iyo nkima ntoya.

Yakirebaga yitonze cyane noneho igakomeza : « gusakuza, gusakuza, gusakuza, gusakuza, » nkaho yari igiye gushwanyaguza icyo kizu. Noneho, ntiyari nini cyane ku buryo yashwanyaguza ikintu icyo ari cyo cyose. Rwose yari ihagaze aho ku giti, umurizo wayo muto wikurura gutyo, kandi isakuza, isakuza, isakuza ; isakuza, isakuza, isakuza.

Ndibwira nti : « Rwose, wirakara ; nta kintu kiri bugutware. » Noneho icyo kizu kinini, gisimbukira ku ishami ry'igiti gutyo, noneho ndibwira nti : « O Mana, Uri aho muri urwo rusaku rw'ikirura. Uri mu mvugo y'ibiremwa byo mu gasozi. Uri mu kurenga ku izuba. Uri aho mu mukororombya. Kubera iki Washyize icyo kizu imbere yange ? Icyo kizu cyari aho cyari iki ? Sinshobora kukubona muri icyo kizu. »

31 Nitegerezaga icyo kizu. Naravuze nti. . . narakitegereje, amaso yacyo manini y'ikijuju. Nticyari kitaye rwose cyane kuri iyo nkima yo mu ishyamba ; cyarandebaga. Nashoboraga kubona ayo maso manini andeba ; noneho ndibwira nti : « Rwose, yego, nshobora kubona Imana muri icyo kizu, kuko Kidafite ubwoba ; kigira muri cyo ikintu gituma kitagira ubwoba. »

Ndavuga nti : « Ngiye kugerageza ndebe niba kitagira ubwoba. » Naravuze nti : « Tuvuge noneho, wowe, uzi ko nshobora kukurasa ? » Ndavuga nti : « Dore imbunda yange. Nshobora kukurasa. »

Cyandebye gutyo gusa. Nabonaga kiguma kumva amababa yacyo ubudatuza. Naravuze nti : « Noneho ndabibona. Iyo ni yo mpamvu. Ntufite ubwoba kubera ko Imana yaguhaye amababa abiri kandi uzi neza ko ushobora kugaruka mu biti aho mbere ndetse yuko nashobora gufata iyi mbunda mu kiganza cyange. »

Ndibwira nti : «Niba wowe, ushobora kwiringira amababa yawe Imana yaguhaye mu kwikura mu kaga, ni kangahe Itorero ryakabigombye hamwe n'Umwuka w'Umwuka Wera watanzwe n'Imana, uri muri twe, kugira ngo tuge kure y'ibintu, tubisohekemo », gutyo. Kandi narakitegereje, ukuntu kishingikirizaga amababa yacyo. Igihe cyose...

Hashize igihe gito, umuntu umwe yarambwiye ati : « Mwene Data Branham, ntimufite ubwoba bwo gukora ikosa ? » Oya nta gushidikanya, igihe cyose nshobora kumva Ikintu runaka iruhande rwange. Ni byo. Biri muri gahunda. Igihe cyose Ahari, ni We ubikora.

32 Noneho ubwo, nitegereza icyo kizu umwanya munini. Cyabonye ko nagikunze cyane ; nta kintu kibi naringiye kugitwara. Noneho ubwo, nta bwoba cyari kimfitiye, ariko gusa cyari gihangayikishijwe n'urwo rusaku, urusaku, urusaku, urusaku, urusaku, urusaku ; cyari kirambiwe urwo rusaku, noneho gitera intambwe imwe nini, gikubita amababa yacyo inshuro ebyiri, ubwo nsobanukirwa impamvu cyampagaritse igihe nasakuzaga.

cyo kizu kinini nticyongeye na rimwe gukubita cyane amababa yacyo. Byasaga nkaho kizi ukuntu gitegura amababa yacyo, igihe cyose habagaho umuyaga, cyazamukaga hejuru cyane. Umuyaga warazaga, kikazamuka hejuru cyane. Nahagaze aho, ndakireba kugeza gihindutse akantu gato cyane.

Noneho ndavuga nti : «O Mana, ni ibi. » Cyarambiwe urwo rusaku, urusaku, urusaku. Si ikibazo cyo kwirukira mu itorero rimwe ujya mu rindi, kwifatanya n'iri cyangwa ririya ; ni ikibazo cyo kumenya ukuntu gitegura amababa yacyo ku mbaraga z'Umwuka Wera Wacyo. Kandi igihe Aje atwaye ifarashi, mugendere hejuru ku ifarashi, mugendere hejuru ku ifarashi ubudacogora, ubudacogora, ubudacogora, ubudacogora. Muzahunge urwo rusaku, urusaku : « Iminsi y'ibitangaza yararangiye. » « Umwuka Wera ntabaho. » Mwese mwaribeshye kuri ibyo. » « Gukiza indwara kwa kimana ntikubaho. » Mugendere ku ifarashi hejuru y'ibyo gusa. Mureke gusa Umwuka Wera yinjire kandi mugendere ku ifarashi hejuru kure cyane. Mwemere mujyanwe kure hejuru y'ibyo kugeza mutongeye kubyumva.

33 Mbega ! Ni Imana yaremye ikizu. Noneho, niba kitara. . . Inkongoro y'impimakazi itinyutse gukurikira ikizu, yashwanyukira mu kirere. Reka ikiyoni gitinyuke kugikurikira, cyazapfuka amababa yacyo. Ni inyoni iremye mu buryo budasanzwe.

Imana yagereranyaga ibizu Byayo n'abahanuzi bayo. Umuhanuzi azamuka mu kirere cyo hejuru cyane aho ashobora kureba kure. Noneho, niba ikizu gifite amababa akomeye ashobora kukijyana aho hejuru,

kandi amaso yacyo akaba nta cyo ahuriyeho n'amababa yacyo, cyahinduka impumyi igihe kimaze kuzamuka aho hejuru cyane, mu by'ukuri nta cyo cyashobora kongera kubona ; ni ukuvuga ko ibyo nta kintu na kimwe byakimarira kuzamuka. Murabona, ni inyoni iremwe mu buryo budasanzwe. N'umukiristo ni umuntu uremye mu buryo budasanzwe. Ni byo rwose.

Nta kintu na kimwe byamara kujya mu rusengero niba nta kintu mufite kibabwira ko byose bihari. Murabona ? Ni ikintu kidasanzwe Imana ibakorera. Icyo kizu gishobora kuzamuka hejuru cyane aho mudashobora kongera kukibona, kandi kigashobora kubona ibibera ku isi byose, ikintu gito cyane, ijisho ryacyo rirareba cyane.

34 Hashize igihe gito, imyaka itatu cyangwa ine, umukobwa wange muto nange twasuye aho bororera inyamaswa i Cincinnati. Nabajyanye aho ku wa Gatandatu umwe nyuma ya saa sita kugira ngo mbereke ibintu bitandukanye ; umwana muto Sara nange twaragendaga. Kandi ubwo yari umukobwa muto w'imyaka itatu hafi. Kandi twarimo tugenda aho, kandi hari ikizu kinini mu kazu.

Igihe cyose narwanyije kubona inyamaswa zifungiranye mu kazu. Simbizi ; nanga mu by'ukuri kubona canari (ubwoko bw'inyoni). Noneho, sindeba gasuku zanyu n'ibindi. Ariko sinkunda kubona ikintu runaka gifungiranye mu kazu. Nzi cyo bivuze kuba mu kazu k'idini, aho muba mudafite ubwigenge. Kandi nshaka. . . nkunda kuba umuntu wegenga.

35 Ni nko guha inyoni yanyu intungamubiri zose mushobora mu kuyiha ubwoya bwiza n'amababa meza hanyuma mukayifungirana mu kizu. Ibyo byayimarira iki ? Bimaze iki kohereza abavugabutumwa mu maseminari n'ahandi hose, kwiga n'ibindi byose nk'ibyo, hanyuma mukabafungirana mu kizu muvuga muti : « Iminsi y'ibitangaza yararangiye ; ibyo ntibibaho, » ? Bimaze iki kubigisha ?

Mwene Data, nkunda ikintu kigenga, aho mushobora kwigurikira, ugakora imyitozo ku bwawe, imisengere ikureka ukigenga.

36 Nitegereje icyo kizu kinini. Bari bagifashe, bagishyira mu kazu. Kandi natekereje ko ari cyo kintu kibabaje cyane nigeze mbona. Iyo nyoni nini, yari iryamye aho hasi igihe nahageraga, amababa yacyo manini yapfutse, ubwoya bwo ku mutwe wacyo, kw'ijoshi no ku mpera z'amababa yacyo bwose bwapfutse.

Narakirebye. Cyagendaga kikurura mu kazu. Cyateye akajisho inyuma mu kazu, gutyo. Ngicyo kiraje. Ku mutwe wacyo no ku mababa yacyo, cyagonze icyo kizu, cyaragurukaga. Amababa yarigurikiraga ; kikongera kikagwa. Kikongera kigahaguruka, kikongera kikagwa kuri urwo ruhande noneho kikareba hejuru. Kikaguruka n'imbaraga zose, kikagongesha amababa yacyo n'umutwe wacyo kuri ibyo, noneho kikongera kikagwa. Cyagumye kuryama aho, amaso yacyo manini yagumaga gukanura, kireba hejuru.

Yoo ! Naribwiye nti : «Ni ibintu bibabaje cyane umuntu ashobora kubona. » Ni inyoni yo mu ijuru ; yavukiye guhagarara mu ijuru, none ngiki, ku mahugu n'ubwenge bw'umuntu, gifungiye mu kazu. Ntigishobora. . . Ni inyoni yo mu ijuru. Mu by'ukuri nta kintu kizi na kimwe ku isi. Kigomba kuba mu ijuru.

Cyari kiryamye aho hasi, amaso areba hejuru, umwanya wacyo nyakuri, aho umutima wacyo wifuzaga cyane kuba ; ariko uruzitiro rwagitandukanyaga n'ibyo.

37 Natekerezaga ko cyari ikintu kibabaje cyane kureba kugeza umunsi umwe mbonye ikiremwa muntu, Imana yaremye mu ishusho Yayo, afungiye mu tuzu tw'amadini n'abandi batizera gukiza kwa kimana ; afungiye ahantu aho badashobora kwigenga. Ni ibiremwa byavukiye ijuru, imyuka yoherejwe muri bo n'Imana, ariko bafunguye mu tuzu ku buryo badashobora kubisohokamo.

Kubona abagabo n'abagore bagenda mu mihanda, bambaye mu buryo bw'urukozasoni, mu tubari, bafungiye mu tuzu mu gihe bakagombye kuba abahungu n'abakobwa b'Imana bigenga, noneho bakagongesha ubwonko bwabo ku kintu bagerageza kwibohora.

38 O Mana, iyo nza kuba mbifitiye ubushobozi, nari. . . cyangwa ububasha, mba naraguze icyo kizu gishaje noneho nkakireka kikigendera. Nkakireka kikajya aho gishatse kisanzuye.

Ni ikintu giteye ubwoba cyane kugifungirana. Ariko noneho ni kangahe biteye ubwoba cyane gufata abana b'Imana noneho ukabafungirana mu kizu ahantu runaka aho bari. . . Mu by'ukuri, umwuka wabo urashaka gusohoka aho noneho agakora ikintu runaka. Noneho, umuntu umwe aravuga ati : «Gukiza kwa kimana ntikubaho. » «Imbaraga z'Umwuka Wera ntizibaho. » «Ibyo ntibibaho. » Bababafungirana mu kizu. Mwene Data, munyemerere mbibabwire, hariho ubwigenge.

39 Umugabo umwe igihe kimwe yafashe ikiyoni gishaje noneho arakiboha, kuko iki cyari mu murima we w'ibigori. Noneho inyoni zitangira kuguruka hejuru kandi zivuga ziti : «Ngwino, Johnny Crow, tuge mu magepfo. Reka tuge mu magepfo, igihe cy'ubukonje kirageze. »

Cyari cyarashonje cyane ku buryo kitashoboraga kugenda. Umuntu mwiza yanyuze aho umunsi umwe noneho aravuga ati : «Mbega ikiyoni kibabaje ! » Noneho arakizitura. Noneho ubwo, ibindi byiyoni biraza,

biravuga biti : «Tugende, Johnny Crow, tugende mu magepfo. » Ariko cyari cyaramaze igihe kirekire cyane kiboshye ku buryo cyagumaga kugenda kizenguruka impande kandi kivuga kiti : «Sinshobora kubikora ; sinshobora kubikora. » Nticyari kizi ko kibohoye.

Bimeze kimwe no ku muntu uyu munsi. Ntimuzi ko Yesu Kristo yababohoye, mwene Data. Reka tuhave. Tuge ahantu runaka. Imana yaratubohoye. Reka twe kwicwa n'inzara. Imana ifite imigisha ya Pantekote ahantu hose mu ijuru, n'ubutunzi butarakoreshwa bw'ineza Yayo. Tugende, tubugereho. « Reka ushaka aze. Aze anywe yisanzuye ku Mazi y'Ubugingo. »

40 Ikizu, cyubaka icyari cyacyo hejuru mu rutare. Kimeze nk'itorero. Itorero rya Yesu Kristo ni itorero ryubatse ku musozi, ritanga umucyo. Riri hejuru ; rifite imigambi yo hejuru. Ryagombaga kwitega imigambi ikomeye. Ryagombaga gutegereza imigambi ikomeye, kuko dutegereje ko Imana yakora ikintu runaka.

Niba mwaje aha iki gicamunsi muvuga muti : «Rwose, ndaza kujyayo. Nininjira mu murongo w'amasengesho, biramera neza. Rwose, Nambwira ko mfite ubuzima bwiza, Umwami namenyesha ko na. . . » Yoo ! Ntimugategereze ibintu nk'ibyo. « Ahubwo Natabikora, ubwo nta kintu ndi bubone. »

Ntimutegereje ikintu gikomeye. Nimuze ku rusengero iki gicamunsi, niba murwaye, muvuge muti : «Ntegereje ko ndibugaruke iwange meze neza. Sindibugende mbere yuko biba. » Niba mudafite Umwuka Wera, muvuge muti : «Ndaguma aha kandi mborere aha hantu, cyangwa nakire Umwuka Wera. Naje aha mu bantu bafite Umwuka Wera ; naje aha ahari Umwuka ; ndaguma aha ndetse kugeza nkwakireye. »

Mubigenze nka muzehe Buddy Robinson, igihe yajyaga mu murima w'ibigori, yaravuze ati : «Mwami, Nutampa Umwuka Wera, Nugaruka ku isi, Uzasanga ikirundo cy'amagufwa ya Buddy Robinson arunze aha. » Ni ko mukwiye kubigenza. Ni byo. Tubikora duhumirije.

41 Rimwe, umuntu umwe yashakaga kubona Imana, kandi inshuro yose yavugaga ati : « Narakijijwe », Satami yaravugaga ati : « Oya, ntiwakijijwe. » Noneho umunsi umwe, ashinga imbago. Aravuga ati : « Satani, kuva ubu, nzakujomba iki giti ; aha ni ho nujurije ibyo Imana isaba. »

Mushinge imbago yanyu rwose iruhande rw'ikicaro cyanyu iki gicamunsi noneho muvuge muti : «Satani, ni aha ndetse gushidikanya kose kuzasigara, kandi ndagurukana na We iki gicamunsi. Ndi bwemere neza ibyo Yambwiye gukora », nimubyizera.

42 Icyo kizu gishaje, iyo kigiye kubaka icyari cyacyo, kizamuka aho hejuru cyane mu bitare. Kikubaka icyari cyacyo hejuru. Kubera ko kigira. . . kiba gishaka kurinda abana bacyo.

Ni gutyo Imana ibigenza. Izamura itorero Ryayo ku rwego runaka, gusa iyo muyiretse ikabikora, kandi Ibashyira ahantu muzaba muri kure ya za kagoma zo ku isi. Nta gushidikanya Izabikora.

Mbega ukuntu gitandukanye n'inkoko. Inkoko na yo ni inyoni, ariko yubaka icyari cyayo ahantu runaka mu rugo, hasi, aho imikara, inzoka n'ibindi byose bishobora gufata ibyana byayo. Nta kintu na kimwe izi ku ijuru, ariko ni inkoko ; wenda mwene Data w'umunyedini, ariko ari ku isi. Nta kintu na kimwe azi ku hantu ho mu ijuru, ku kuguruka hejuru, ahantu runaka aho hejuru, ahantu h'ubururu kandi heza.

43 Cya kizu k'ikibyeyi gishaje, iyo kiri kubaka icyari cyacyo… Mbega ukuntu inshuro nyinshi nabyitegereje bijya aho kandi bigafata ibice by'ibiti, bikabyinjiza muri ibyo bitare, bikabijyana aho bikoresheje umunwa wabyo munini, noneho bikabihambira, bigafata imishubi, noneho bikayizengurutsa kuri ibyo. Kandi imbere mu cyari mu by'ukuri ni amahwa, kugira ngo bihambirire hamwe ibyo biti binini, kijyana aho, ariko kizirika icyo cyari aho kugira ngo hatagira umuraba n'umwe ushobora kugisenya.

44 Ndishimye. « Kuri urwo rutare Nzahubaka itorero Ryange, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarinesha. » Ni ubuhe bwoko bw'urutare ? Guhishurirwa k'umwuka.

«Abantu bavuga ko, Ngewe, Umwana w'umuntu, ndi nde ? » « Bamwe bavuga Eliya ; abandi bavuga Mose. » «Ariko mwe, mubivugaho iki ? » Petero aravuga ati : « Uri Kristo, Umwana w'Imana. »

Urahiriwe, Simoni, mwene Yonasi, kuko atari inyama n'amaraso byabiguhishuriye [Ntiwigeze ubyiga mu iseminari. Ntiwabyigiye ku muntu wabikubwiye], ahubwo ni Data utuye mu ijuru wabiguhishuriye. Kuri urwo rutare Nzubakaho itorero Ryange, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarinesha. Imiraba y'ubuzima ntizarinyeganyeza na rimwe. »

45 Ni yo mpamvu Yavuze ko Yari ikizu. Yubatse icyari. Noneho, cya kizu gishaje k'ikibyeyi kiri kwitegura kubyara ibyana byacyo, kirasohoka, kigafata ibyo gishobora byose, amababi yoroheje, gikoresheje umunwa wacyo munini, kikayinjiza mu nguni zose noneho kigashyira amahwa impande zose, kugira ngo atajomba ibyana. Kigasohoka noneho kigafata umwana w'intama cyangwa urukwavu, cyangwa ikintu nk'icyo, kikarya inyama hanyuma, kigafata ubwoya, ubwoya noneho kikabutwikiriza icyari. Yoo ! Kikakigira kiza cyane ku bw'ibyana byacyo bigiye kuvuka.

Ni gutyo Yehova Kizu abigenza na we. Atunganya ibintu byose. Yoo, mbega ! Iyo umwana mushya

avutse, mu Bwami bw'Imana, atekereza ko ashobora kugenda, ariko ahora agwa kandi abyuka, akirukira aha na hariya, ariko akagira ibihe byiza. Aba ari mu cyari gishashemo amababa, murabizi. Kugwa ntibibabaza. Noneho ubwo, ni gutyo Mama Yehova Kizu abigenza. Asasa neza amababa mu cyari kandi kikamera neza ku bw'abana be bagiye kuza.

46 Nyuma y'igihe gito, gitera amagi. Noneho igihe ikizu gito cyazaga, kiramanuka, nyina na papa w'ikizu, byose bigaburira abana babyo kugeza bagize ku gihagararo kiza.

Noneho, igihe bagize ku ngano runaka. . . Noneho mama w'ikizu azamenya neza ko ibyo bizu bitazahinduka ikintu runaka kimeze nk'inkoko. Ni byo.Ntaba ashaka ko biba ibyo ku isi. Ni ibizu, kandi aba azi ko ari ibizu.

Ni gutyo Yehova Kizu abigenza. Ntaba ashaka ko tuba inkoko, inkoko zo mu kazu. Ashaka ko tuba ibizu, mu kirere, bijyanye na kamere yacu, yo kuba aho hejuru aho tuba twigenga. «Uwo Umwana abohoye, mu by'ukuri aba abohotse. » Aho, Ashaka hariya hejuru.

47 Ni ukuvuga ko, nyuma y'iminsi mike. Mbega ukuntu nabyitegereje inshuro nyinshi ! Mbere y'iminsi mike imishwi ikangutse, cya kizu k'ikibyeyi kizamuka ku ruhande rw'icyo cyari. Kandi nahagaze aho birenze umunsi umwe ku zuba ryinshi, mbyitegereza kandi muri make naririraga nk'umwana. Kureba icyo kizu k'ikibyeyi kinini, biba ari binini. Ikizu k'ikibyeyi kiba ari kinini kurusha ikigabo. Amwe mu mababa yacyo agira uburebure bwa m 4, kuva ku ruhande rumwe ujya ku rundi.

Kikazamuka aho hejuru ; kikagenda amaterakamfizi impande z'icyo cyari gutyo, kikazamuka aho hari ibyana byacyo ; kikarambura amababa yacyo manini noneho kigasakuza ! Noneho, rimwe na rimwe ibyana bigwa hejuru y'umugongo wabyo. Ni icyo kiba gishaka kuri byo. Ni cyo kiba gishaka kubibona bikora. Hanyuma, bagahaguruka. Noneho kigasakuza. Kubera iki ? Kiba kibitoza ijwi ryacyo.

«Intama Zange zizi ijwi Ryange. » Kiba gishaka ko byamenya icyo ari cyo, igihe habaye igihe cyo gusakuza. Noneho, kigasakuza. «Kandi intama Zange zizi ijwi Ryange. » Gishaka ko bimenya icyo ari cyo, igihe cyo gusakuza kigeze. Noneho, kigasakuza. Yoo, mbega ! «Ndashaka ko mumenya buri nota ry'ijwi ryange, kuko hariho inkongoro nyinshi. Ndashaka ko mumenya ko muri ibizu. Kandi ndashaka ko mumenya ijwi ry'ikizu. » Amina. Aleluya ! «Ndashaka ko mumenya ijwi ry'ikizu. » Noneho, kikarambura ibaba ryacyo rirerire, kikavuga kiti : «Murebe ibi, niteguye kubafasha kuguruka kwanyu kwa mbere mwenyine. Ariko bwa mbere, ndashaka ko mwabona ukuntu ndi munini. »

Yoo ! Mbega ukuntu ari byiza ! Wenda, indwara yadutura hasi, wenda n'ikindi kintu, ubwo noneho dushobora kureba hejuru noneho tugakoresha ayo mababa abiri manini ya Yehova, Isezerano rya Kera n'Irishya, noneho tukavuga tuti : « Mbega ukuntu Ukomeye ! Mbega ukuntu Ukomeye, Mwami ! »

48 Yoo ! Gikunda kubabona. «Murebe ukuntu mfite imbaraga ! » Kigasakuza : «Ni ijwi ryange. » Noneho ni gute umuvugabutumwa ashobora kuvuga ko ikizu kidasakuza kimwe buri munsi, igihe cyose gishakuje ? Nta gushidikanya, Ari uko yari Ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose.

Isezerano rya Kera riravuga riti : «Ndi Yehova. Ni Ngewe wafunguye Inyanja Itukura. Nakuye abana b'Abaheburayo mu itanura ryaka umuriro. Ni Ngewe wazuye Umwana w'Imana. » Haleluya ! «Ni Ngewe wohereje Umwuka Wera ku munsi wa Pantekote. »

Murebe amababa yacyo manini, ntimushaka kubibona ? Ibyo ntibishimisha umutima wanyu ? Ibyo byana by'ibizu biravuga biti : «Yoo ! Mama, tugufitiye ikizere mu by'ukuri. Urakomeye kandi ufite imbaraga. »

49 Muzasohoke ijoro rimwe murebe imikorere y'izuba aho hejuru. Mu gihe gito gishize, banjyanye ku musozi wa Palomar, noneho aho, hifashishijwe telesikope, mushobora kubona mu myaka miliyoni ijana na makumyabiri y'urumuri. Mugerageze kubireba, umubare wa mayilo zirimo. Ni gute urumuri rwihuta ? Kandi miliyoni ijana na makumyabiri z'imyaka y'urumuri, no hakurya y'ibyo igihe cyose haba hari ukwezi, inyenyeri n'imigabane. «Yoo ! Mbega ukuntu Ukomeye ! Mbega ukuntu Ukomeye ! »

50 Ibyo byana by'ibizu bitangira kureba impande zose kandi bivuga biti : «Mbega ukuntu Ukomeye ! » Aha hari ururabo. Iyo rupfuye, rujya mu butaka. Ariko dore ruragarutse. «Mbega ukuntu Ukomeye ! »

Dore umugabo ushaje w'umukene wamunzwe na kanseri, rwose ni igicucu, kandi isengesho ryatanzwe ku bwe. Ikintu gikurikiyeho, muramubona ari umugabo ufite imbaraga cyane. «Mbega ukuntu Ukomeye ! Mbega ukuntu Ukomeye ! »

Dore umugore ushaje mu muhanda, aho hanze, utanakwiriye kurebwa n'imbwa ; reka imbaraga z'Imana zizamukurure inshuro imwe, azasakuza ati : «Mbega ukuntu Ukomeye ! » Azashyira ku ruhande umutwaro wose na buri cyaha cyose cyari kimutwikiriye, mu buryo bworoshye cyane. Ikintu gikurikiyeho, murabizi, azasa n'umutagatifu. Azaba ari aho afite inyandiko z'Imana mu kiganza ke, akora ikintu runaka.

Reka uwo mucuruzi wa magendo aho mu nguni, uwo muntu wamunzwe, azamure inshuro imwe amaso

noneho arebe : «Mbega ukuntu Ukomeye ! » Mumurebe ahagarika gucuruza whisky, ahagarika kunywa inzoga, kunywa itabi n'inkono ye y'itabi, ahagarika gucuruza ibinyoma bye n'ibindi ; kandi azaba ari aho mu nzira afite Bibiliya mu kiganza, atanga ubuhamya ku bw'icyubahiro k'Imana. « Mbega ukuntu Ukomeye ! »

Reka Imana izarambure iri Sezerano rishya n'iri Sezerano rya Kera kuri mwe inshuro imwe ! Mugenzure izi paje noneho murebe icyo ari cyo. Muzumva ijwi risakurije aho, rivuga riti : «Uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi n'iteka ryose. Icyo Nabakoreye, Nzakibakorera. Ndi umwe. Ndi Yehova ; Simpinduka. » Ndumva natwawe cyane ubu ndetse. Oh, mbega ! Mbega ukuntu nzi ko ari ukuri !

51 Noneho nyina yamaze kwiyemeza ko ibyo byana by'ibizu bitahinduka inkoko. Ku bw'ibyo yamaze gufata ikemezo ko zitahinduka inkoko. Muzi noneho icyo ikora ? Nyuma yuko izengurutse igenda amaterakamfizi aha na hariya ku cyari, kandi imaze kwirambura, izavuga iti : «Reba ibi, mukunzi, mbega ukuntu nkomeye. Reba aha, ugomba kungirira ikizere. Ngiye kukujyana ahantu runaka aho ugomba kungirira ikizere. »

Ni gute namenya niba Imana itohereje aba barwayi aha iki gicamunsi ku bw'ikintu kimwe ? Kubageza ku rwego umuganga. . . Muzavuga muti : «Ndi umukiristo, Mwene Data Branham. » Ndabizi. «Kandi mfite Umwuka Wera, none dore ndi aha ndababaye. »

Ni gute mwamenya niba Yehova adashaka muri make kubageza aho mureba Amababa no kubona ukuntu Akomeye ? «Mbega ukuntu Nkomeye. Ngiye kugukorera ikintu kimwe kugira ngo ungirire ikizere. » Murahari. «Ariko Ndashaka ko mumenya icyo mushyiramo ibyiringiro byanyu bwa mbere. Murabona Amababa Yange akomeye ? »

52 Hanyuma, nyuma y'iminsi runaka, muzi icyo nyina akora ? Igihe cyose ubwo buriri buzaba bumeze neza, ibyo byana by'ibizu ntibizemera kubusiga. Ni byo. Muzi icyo akora ? Noneho, yinjiramo ako kanya, kandi akoresheje umunwa we, ashwanyaguza buri gice cy'uruhu kiri aho noneho akakijugunya hanze y'icyari. Aba yafashe ikemezo cy'uko bitamenyerana n'isi. Ni byo.

Ni cyo Imana ikora inshuro nyinshi. Yoo ! Mutekereza kuri buri kintu gikomeye, no ku kintu cyose kigezweho n'ibindi byose. . . Ntimuzashake ibyo. Rwose, muri kure cyane ya Pantekote ho mayilo miliyoni. Abantu bo kuri Pantekote ntibashatse ibintu byoroshye. Bagurishije ibyo bari bafite noneho babiha abakene, ubwo bajyana na Kristo wenyine. None uyu munsi, tugomba kugira imodoka za Cadillacs mbere yuko tuba abanyamwuka. Ni iki cyabaye ? Hari ikintu kitari cyo ahantu runaka.

53 Mundeke nkurikire inzira y'abasuzuguritse bake bakurikira Umwami. Natangiranye na Yesu, Mwami, nyuza mu mibereho yose. Abantu bagira ubwoba bwo kuvuka ubwa kabiri. Icyo ni cyo kibazo. Bafite ubwoba bwo kuvuka bushya !

Umuntu wese azi ko kuvuka kose (aho kwaba kwabereye kose), ni umwanda. Kandi abantu ntibakunda kuba mu mwanda. Byaba mu kiraro k'ingurube, cyangwa wenda ikirundo k'ibyatsi, cyangwa bikaba mu cyumba cyo kwa muganga gitatse n'ibara ry'iroza, kuvuka ni umwanda. Kandi abantu ntibakunda kuba mu mwanda. Ariko ndababwiza ukuri, sinakwifuza guhurira n'Imana ku rwego rwange. Ndashaka guhurira no kuvuka ubwa kabiri ku rwego rw'Imana. Nubwo nasakuza, nta cyo bimbwiye cyane, kuvuza induru, kuvuga mu ndimi, ibyo ngomba gukora byose. Uko abaturanyi baba bamvuga kose ; mureke mvuke ubwa kabiri. Imibereho yose naba mbayemo nta cyo imbwiye.

54 Nibiba ngomba kwangiza ubwamamare bwange, nta n'ubwo mfite uko bimeze kose. Icyo ni ikintu ntagomba kureka ; nta cyubahiro mfite cyangwa kwamamara. Nari umuturage wo mu misozi kuva nkitangira. Ku bw'ibyo rero, nta kintu na kimwe nari mfite. Ariko nta cyo bimbwiye icyo biri cyo cyose, niteguye gutakaza byose mu kuba umusazi ku bw'Ubwami bw'Imana. Muzamfata nk'uwera watwawe n'imyuka, cyangwa umunyamwuka, cyangwa idayimoni, cyangwa umusomyi w'ibitekerezo ; ibyo baba bavuga byose, ndashaka Yesu. Ni intego yange nyamukuru. Kandi urwego rwose ibyo byaba biriho, ibyo nta cyo bimbwiye cyane. Ndi. . . Ndashaka kuyisanga ku rwego Rwayo, si ku byo ntekereza ko ari ukuri cyangwa ibyo umuntu avuga ko ari ukuri. Ni byo. Niba Avuga ko Ari uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose, ndashaka kumubonera kuri urwo rwego.

55 Niba ngomba kubwiriza ikirundo cy'amapoto, nkarya biswi zumye kandi nkanywa amazi ya robine, igihe cyose nguma kwifuza Ubutumwa bwiza. Ndashaka Kristo ku rwego Kristo azazaho.

Yinjiramo noneho agakuramo koroha kose. Igihe cyose ibyana by'ibizu bitangiye guhaguruka, biba biri ku ihwa, rijomba. Ni ibyo. . . Mureke umubi. . . Igihe cyose bi. . .

« Yoo ! Mwakijijwe ejo nijoro ? » « Yego, yego, yego. Ni byo, ni bwo nakijijwe. »

« Yoo ! Biranshimishije. » Ariko mutangiye kubaho ubuzima ; bazahita bababwira bati : «Uwera runaka watwawe n'imyuka. Yoo ! Ndabona itsinda murimo. »

Murabona, Irabareka muri make mukajombwa igihe kimwe. Ntishaka ko mumenyera iyi si. Murabona. Irashaka ko mwagira. . . Nyina ntashaka ko ibyo bizu bihinduka rwose imishwi. Ashaka ko byasohoka muri icyo cyari. Nubwo byaba biri mu rutare cyangwa aho byaba biri, abifitiye ikintu kiza cyane. Imana ifitiye Itorero ikintu kiza cyane kurusha ibindi. Mwiguma aho gusa : «Ndi Pantekosite. »

56 Umuntu umwe igihe kimwe yaravuze ati : «Mwene Data Branham. . . » Umugabo w'umusaza aho muri Arkansas ; yakize uburwayi. Yari arimo atembera bukeye bwaho hamwe n'imbago ze. Yacuruzaga amakaramu y'ibiti mu muhanda mu gihe k'imyaka n'imyaka ; yagendanaga inyandiko nini ati : «Sinkiyakeneye kuva igihe Yesu yansangiye. » Yajyaga aha na hariya. . . Noneho iryo joro, yari ahagaze muri sale mu bantu, hafi nk'iyi, muri Robinson Memorial Auditorium, i Little Rock, kandi yaravuze ati : «Rwose umunota umwe, Mwene Data Branham », mu gihe nabwirizaga. Yaravuze ati : «Rwose umunota umwe. Murabizi igihe mubwiriza. . . » [yari umunazariyene], murabizi mubwiriza rwose nk'Umunazariyene. Hanyuma, nabonye ko igice kinini cy'abantu aha ari abapantekote, none ubu, umuntu umwe avuze ko muri umubatisita. Ibyo simbyumva. »

«Yoo ! ni ko navuze, biroroshye. Ndi umubatisita w'umunazariyene w'umupantekote. » Ni byo rwose. Yego, mugenzi.

57 Yoo, mwene Data, ibirango byabo, kera nahagararaga aho igihe twabaga tuyoboye amatungo mu misozi, hamwe n'ivi ryange riri ku mpera y'intebe aho, nitegereza uwo murinzi w'ishyamba wacungaga ayo matungo yanyuragaho. Ayacu yari Tripod. Izindi zari kumwe n'iza Diamond T-Bar. Amoko menshi n'ibirango bitandukanye byanyuragaho. Umurinzi w'ishyamba ntiyitaga cyane ku kirango. Yitegerezaga ikimenyetso cy'amaraso. Amina !

Ni cyo Imana izacunga ! Icunga ikimenyetso cy'amaraso ; nta kintu ikirango mufite kiyimariye cyane. Kubera iki ? Nta kintu na kimwe cyashoboraga kwinjira muri urwo rwuri keretse Hereford y'amaraso y'umwimerere.

58 Kandi nta kintu na kimwe gishobora kwinjira mu marembo y'ijuru keretse uwabyawe ubwa kabiri n'amaraso ya Yesu Kristo. Icyo mwaba mukora cyose, uko mwaba muri abahanga kose, cyangwa uko mwaba muri umuvugabutumwa mwiza kose, cyangwa uko mwaba muri umuyoboke mwiza kose w'itorero ; niba mutarabyawe n'amaraso ya Yesu Kristo, hamwe n'ikimenyetso cy'Amaraso kuri mwe, ntimuzigera muhinjira na rimwe. Aho ni uko bimeze gusa. «Nimbona amaraso, Nzabanyuraho. » Ni ibyo. Azabareka mwinjire igihe ikimenyetso cy'amaraso ari ukuri. Imana izabona amaraso y'Umwana Wayo bwite ku itorero.

59 Icyo kibyeyi k'ikizu gishaje, gicunga ibyo bizu. Yoo ! Buri nshuro. . . Ntibyashobora kongera kwicara. Ahantu hose, haba hari amahwa gusa, amahwa, amahwa.

Rwose, hari ikindi kintu kigomba gukorwa kuri iri torero rya pantekote muri icyo cyari, kugira ngo bitazaguma kwihambira ku cyari. Biri muri gahunda. Rwose, sindikurwanya amadini ubu ; ntimubishyire mu mutwe. Ahubwo ndashaka kuvuga nti : «Ntimutume ibyo bihinduka aho muhagararira. » Mumeze neza ; nkunda amadini. Ndi uwa buri rimwe. Murabona. Ni ukuri. Yego, mugenzi. Narivukiyemo. Buri umwe uri mu itorero, ni ho navukiye. Ariko ntibihagararira aho ; ntimuzahagararire kuri iryo dini. Muzahite mukomezanya n'Imana uwo mwanya kugeza mugeze aho muguruka mwenyine.

60 Rwose, ikintu gikurikiyeho, murabizi, kuko nyina ushaje yafashe ikemezo, azageza abana ku myimenyerezo mito. . . Rwose, bazajya kwifatanya n'itorero kandi ibintu byose bizagenda neza, ariko ibyo bitangira kubajomba ; hari ikintu kitagenda neza.

Hanyuma, wa mubyeyi ushaje akazamuka imbere y'icyari umunsi umwe. Agasuzuma ibyo byana by'ibizu kandi bikaba byitwikiriye amababa yorohereye. Azi ko ajyanye ibyo byana by'ibizu mu kirere, hamwe n'ayo mababa yorohereye, bizavunika ijosi.

Ndababwiza ukuri, itorero rya pantekote niritakira gusukurwa neza, na ryo rizavunika ijosi. Mubyibuke rwose. Hari amababa menshi yorohereye. Icyo ni cyo kibazo.

61 Muzi icyo akora ? Azamuka ku cyari, agakoresha amababa ye manini, agatangira kubihuha gutyo. Yoo ! Ntimwigeze muhagarara iruhande rw'indege kera, kugeza mubonye. . . Amababa yorohereye ahita agurikira impande zose iyo umuyaga ufite imbaraga utangiye gukubura amababa y'ibyo byana by'ibizu. Ndababwiza ukuri, itorero rikeneye kubona icyari kinyeganyezwa n'umuyaga ukomeye uyu munsi uzatandukanya itorero rya pantekote n'ibintu by'isi byose ; noneho ubwo, tuzashobora kuguruka twenyine.

Dukeneye na none bwa Butumwa bwiza bwa kera, bw'Umwuka Wera, bw'ububyutse bwoherejwe n'Imana. Ni byo rwose. Ntidukeneye umuperezida mushya. Turamufite, mwiza cyane. Ntidukeneye ba meya b'umugi bashya. Uko bimeze kose, birabareba. Ariko ibyo dukeneye nk'abavugabutumwa, ni ukubwiriza Ubutumwa bwiza no kugarura itorero indi nshuro kuri Pantekote, kurigarura ku myimenyerezo y'ikizu indi nshuro. Icyo ni cyo itorero rikeneye. Yoo, ntimugomba kuba inkoko. Muri ibizu. Mugomba gufata ifunguro ry'ikizu.

62 Ubwo rero, yari ahagaze aho, apfura ayo mababa yose mato. Kubera ko atabikoze. . . bidasigaranye amababa ahagije kugira ngo bibashe kuguruka, ntiyabijyana kugeza amababa yose mato yo mu bwana apfuwe n'umuyaga. Noneho ubwo, yigira imbere aho noneho agasakuza. Ubwo rero aba yiteguye kubinyuza mu myimenyerezo. Akarambura amababa ye maremare cyane ya m 4 gutyo. Ibyo byana by'ibizu bikinagaho noneho bikazamuka. Ubwo noneho akabavugisha, kuko byumvise ijwi rye. Bizi kumugirira ikizere.

Akavuga ati : «Noneho, bana, ngiye kubajyana aho muguruka mwenyine. » Buri kimwe kikazamuka noneho kikinjiza utuguru twacyo, kikaduhambira ku ibaba, kigafungira umunwa wacyo muto muri rimwe mu mababa yacyo. Rwose, ntigishobora kuripfura. Aheka ibizu mirongo itanu bitewe n'imbaraga z'iryo baba ry'ukuboko kwe. Noneho bikihambira ku ibaba gutyo, noneho icyo kizu k'ikibyeyi gishaje kikazamura amaboko yacyo gutyo, kikazamuka kiva ku rutare. Ngicyo kizamutse hejuru, hejuru, hejuru, hejuru kugeza kigeze mu ijuru hejuru cyane. Ibyo byana by'ibizu ntibyigeze bihagera mbere. Yoo ! Muri make bikagira ibihe bihebuje.

63 Ikintu cya mbere muzi, muzi icyo gikora ? Kirahindukira, noneho kigahita kibinyeganyeza byose bikagwa. Ni ibizu. Byakagombye kumenya uko biguruka. Ni byo rwose. Irabihuha, bikakivaho. Rwose, bimwe muri ibyo bizu. . . Kirasakuza kiti : «Byiza cyane, bana, muri ibizu. Muguruke ! »

Igihe cyose muvuga muti : «Rwose, ndi umuyoboke w'itorero runaka ; ndababwiza ukuri, nta kintu na kimwe mba nzi kuri ibyo », ntimuzigera na rimwe muguruka. Mugomba kurekurirwa igihe kimwe aho hejuru mu kirere. Ibyo byana by'ibizu bitangira kuguruka. Kirasakuza kiti : «Mukubite amababa yanyu, bana. Mukomeze gusa gukubita ukwizera kwanyu guto muva hejuru mujya hasi. Noneho muri hejuru cyane ntimwagonga hasi ku butaka. »

Murabizi ? Noneho, icyo gikora, kijya ku ruhande kikabicunga. Kikaguma kugenda amaterekamfizi impande zose. Noneho biba bimeze kimwe neza nko ku bubyutse bwa Pantekote, hejuru hejuru, kimwe ku kindi, bigwa ku byo bishobora kugwaho byose. Nta cyo bibibwiye. Bifite ikizere k'ikirenga kuri nyina uri aho abicunga. Yoo ! Mbega ukuntu itorero ryakagombye kubikora.

64 Iyo kimwe muri byo byana by'ibizu kinaniwe kuguruka, gihita kimanukira munsi yacyo hamwe n'amababa yacyo manini, kikagiheka kandi kikakigarura mu buntu. (Noneho, iyi ntabwo ari inyigisho y'Ababatisita ; ni Bibiliya.) Noneho, kikakigarura aho hejuru ; kikongera kikakikuraho, kikakireka kigatangira. Amina.

Ibyo byana by'ibizu bigirira ikizere mama wabyo, ikizere k'ikirenga ko uwo mubyeyi azabifasha kandi akongera akabiheka. Abiheka ku mababa y'ikizu, akabigarura aho hejuru, kandi, nk'umuyaga uhushye, akitandukanya na byo indi nshuro noneho akabireka bigatangira : «Ningwa cyangwa ninanirwa, uzandeke mpaguruke nongere ngerageze, O Mwami. »

Mwongere na none. Imana izahita ibegura, Izabagarura aho hejuru kandi, nk'umuyaga uhushye, izongere ibareke. Mushake ukuntu mwahagarara neza. Mukomeze gusa kugenda. Mukomeze gukubita kugeza mumenye kuguruka. Yoo, mbega ! Inkoko ishaje y'inkene, nta kintu ibiziho. Nta kintu na kimwe izi kuri ibyo, kuko itigeze na rimwe ijya aho hejuru, nta n'umwe mu bakurambere bayo, aho hejuru. Icyo izi gusa, ni ukwifatanya n'itorero no kwicara mu kiraro. Nta kintu gikomeye izi kuri ibyo.

65 Umunsi umwe, umuntu umwe yari arimo arariza inkoko, ntiyashoboraga kubona amagi menshi ; noneho, abona icyari k'ikizu, arazamuka noneho afata igi ry'ikizu, arirarisha inkoko. Noneho igihe ayo magi y'imishwi yaturagaga, icyo kizu cyari inyoni isekeje ugereranyije n'izo nkoko zindi.

Ni gutyo neza bigenda ; rimwe muri buri magi, rwose ni gutyo bigenda mu by'ukuri. Ni byo.

Ubwo cyari aho, inyoni ntoya isekeje, ntiyashoboraga kumva gukokoza kw'inkoko. Iyo nkoko ishaje aho mu kirundo k'ifumbire no mu mbuga iti : «Turi bugire ubusabane iri joro. Turi bukore ibi byose », gutyo. «Ko, ko, ko, ko. Iminsi y'ibitangaza yararangiye. Gukiza kw'Imana ntikubaho. Ko, ko, ko, ko », irya ibyo biryo byanduye hamwe n'iyo minsi mikuru y'ubuhemu n'imikino y'amafaranga, biyambura ubusa, n'ibindi byose gutyo, za televiziyo n'ubwo bwoko bwose bw'ibintu bidasobanutse. Iyo nyoni ntoya yari ikizu. Ibyo ntibyayigwaga neza. Ibyo byayiteraga kuruka iyo byayihumuriraga. «Mbega, sinashobora kubikora. » Cyajyaga aha na hariya. Yoo mbega, cyari ikintu gisa n'igisekeje.

Yaravuze iti : «Yoo ! Turebe, mukunzi, tugiye gutegura umunsi mukuru ukomeye iri joro, turi butange. . . »

Nta kintu na kimwe cyashakaga muri ibyo bintu. Cyajyaga aha na hariya noneho kikibwira kiti : «Iki ? Rwose, ndi igishuhe gisekeje aha. »

66 Kandi ndababwira ikintu kimwe, mwene Data, iyo umuntu avutse, akaba ari umwana w'Imana, amahame ya kera n'amadini ya kera ntibizigera na rimwe bimuhaza. Oya nta gushidikanya. Ibintu by'isi, imikino ya basketball, iminsi mikuru, imikino y'ubuhemu, ubwo bwoko bwose bwo kwishimisha amatorero

agezweho akora uyu munsi, mu gihe cyacu, ntibitangaje ko bafite agahinda. . . « Imana iri he ? » Bayiteye agahinda noneho batandukana na Yo. Ni byo rwose. Yego mugenzi.

Inkoko zikunda ubwoko nk'ubwo bw'ibiryo, ariko ibizu ntibibikunda. Ibyo si ibiryo by'ikizu.

67 Kigiye imbere aho, yoo, mbega ! Izindi zose zarebaga impande zose ; zose zirukiraga aho hantu kandi yarahaga aho kugira ngo ibone kimwe muri ibyo bintu byanduye, zikirukira aho kandi zikabirya. Yewe ! «Yoo, tugende, tugende. Tujyane. » Ariko cyo cyari umuntu utandukanye. Yego, mugenzi. Nticyashakaga ikintu na kimwe muri ibyo bintu. Ntibyari bikibereye byiza ; ntibyahumuraga neza ; aho ntihari hari ubwoko bw'ikirere bwiza. Nticyabikundaga na gake. Cyaravuze kiti : «Oya, oya. »

68 Noneho, umunsi umwe, cya kizu k'ikibyeyi gishaje cyagiye kugihiga. Nshimishijwe cyane nuko Yaje ku bwange. Cyagurutse hejuru y'ikiraro, kigatera imbone hasi, kibona umwana wacyo, noneho, gitangira gusakuza, kivuga kiti : «Mukunzi, nturi inkoko ; uri uwange. » Igihe cyumvaga iryo jwi, cyazamuye amaso. Ibyo byavugaga neza. Cyari gifite kamere y'ikizu. Kamere yacyo. . .

«Yesu Kristo, ari uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. » «Amina ! », na cyo kirasakuza, kikiriza.

«Ntimugakunde isi cyangwa ibintu by'isi. Iyo mubikunze, urukundo rw'Imana ntiruba ruri muri mwe. » «Amina, ibyo birumvikana neza. »

«Mukunzi, ningaruka, ushobora kuzasimbuka. Ikintu kimwe ugomba gukora gusa, ni ugukubita amababa yawe mato y'ukwizera. Ibyo bizagutwara. » Ndasohoka hano nte mama ?

Kubita amababa yawe gusa ; nta kindi. Urahita usohoka. Koresha gusa ukwizera kwawe, maze uhite usohoka wifashishije ibyo ; tangira ukubite amababa, kuko uri ikizu cy'umwimerere. Nta gushidikanya. Kuva ku ukivuka, uri ikizu. Kubita amababa yawe. »

69 Cyagendagendaga aho hejuru. Urasa nk'umwe mu bange aho hasi uri. » Noneho iyo nyoni ntoya yasimbutse ku maguru yayo, igenda isimbuka inshuro enye cyangwa eshanu, murabizi, nkaho iri gukubita ibiganza byayo bitoya, cyangwa amababa yayo yose gutyo. Noneho mu kanya gato, murabizi, ikura ibirenge byayo ku butaka.

Ariko muzi icyo cyakoze ? Icyo kizu gito, cyahise gihagarara ku gasongero k'inkingi mu kiraro, hagati neza y'idini rikomeye rya pantekote. Murabizi ? Icyo kibyeyi k'ikizu cyarongeye kigurukira hejuru. Kirakireba, cyari cyambaye ipantaro, imisatsi yogoshe, mu maso hasize. Kiravuga kiti : «Mukunzi, urasa cyane nk'inkongoro y'impimakazi y'umupantekote kurusha uko usa n'ikizu cya Pantekote. Ugomba koga cyane kurushaho, niba atari ibyo sinshobora no kuzakwakira. Ni byo. »

70 Intego yange si ukubakomeretsa, ahubwo ndashaka kubakuraho ikintu kimwe. Munyemerere kubabwira, mwene Data : icyo iri torero rya pantekote rikeneye, ni ugusukurwa uvuye ku ruhimbi ukagera ku ntebe. Ni byo rwose. Gushyira ku ruhande umutwaro. Ntibitangaje ko tudashobora kugira ububyutse, turya ibyo kurya bya kagoma (vautour) basigara mu rugo nimugoroba kugira ngo bakurikire ikiganiro gikunzwe kuri televiziyo aho kujya mu iteraniro ry'amasengesho, bakambara iyo. . . abagore bambara imyambaro nk'iyo n'abagabo basangira ikirahuri gito cya gishuti noneho bagasangira ibiganiro bisekeje byanduye n'ibindi bintu hagati yabo. Bagabo, ni iki muba mushaka kuvuga ? Imana ntishobora na rimwe kumanukira mu mwanda w'ibintu nk'ibyo !

71 Birashoboka ko mufite insengero nini cyane kurusha izindi ziri mu gihugu. Mushobora kuba mufite amafaranga mutigeze mugira. Ibyo nta sano bifitanye n'icyo kintu. Mushobora kwifatanaya n'icyo mwita itsinda ryiza cyane ry'abanyabwenge ; mushobora kwambara amakositimu meza cyane, ariko, mwene Data, Imana ishaka umutima uboneye n'ibiganza biboneye. Ishaka itorero risukuye ; icyo gihe, Ishobora kwigaragaza. Iyo Imana irambuye amababa Yayo manini kandi ikagaragaza imbaraga Zayo, ko Iri uko Yari iri ejo, uyu munsi n'iteka ryose, ikizu kiravuga kiti : «Yego, Mwami. Ni cyo nshaka. Ni ku bw'ibyo ndwana. Ndabyegera. » Nta gushidikanya. Ahora Ari uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose.

72 Mbega ! Ni he ibihe byacu byagiye ? Mu by'ukuri meze nk'uri kubwiriza ubu. Yoo ! Icyo Itorero rya pantekote rikeneye, ni ukwezwa ! Rikeneye kozwa. Rikeneye gusukurwa, kwezwa. Nshuti, ntimuri ab'isi. Ntimukisanishe n'abandi. Ntimugashake kwigana icyamamare cya sinema. Muri umukobwa w'Imana. Muri umuhungu w'Imana. Ntimugashake kuba Matt Dillon cyangwa umuntu nk'uwo. Ntimugashake kuba Peabody Ernie cyangwa irindi zina ryose, cyangwa umwe muri abo bagabo. Ntimugakunde ibintu by'isi. Nimukunda isi cyangwa ibintu by'isi, urukundo rw'Imana ntiruba runari muri mwe. Ndabizi, mwene Data, ibyo birarwaza. Ibyo birabarwaza.

73 Umukecuru wange, mama ushaje ukomoka mu magepfo yakundaga kumbwira ati. . . Abana twese, twazaga ku wa Gatandatu nimugoroba ubwo yari afite ubwogero bukoze mu biti bya sederiya, yasukagamo amazi noneho akigisha abana koga. Kandi nari uwa nyuma mu icumi, niyuhagiraga bwa nyuma muri ayo mazi amwe y'ubwo bwogero ; yongeraga kuyashyushyamo gake. Noneho ubwo, mama yashoboraga kumfata. . . Twari abakene cyane ku buryo twa... yafataga impu zishaje z'inyama,

akazishongesha noneho agakuramo ibinure. Ntitwashoboraga kugura ibinure by'ingurube, ku bw'ibyo rero, twakuragamo ibinure byo gushyira ku mugati w'ibigori ; noneho tugafata imbuto z'igiti bita naveti n'umugati w'ibigori.

74 Kandi twagiraga. . . cyangwa twagubwaga nabi n'ibindi byose ; noneho mama, buri wa Gatandatu nimugoroba, yaduhaga ingano runaka y'amavuta y'ikibonobono. Sinashoboraga no kwihanganira ibyo bintu, kubihumurirwa gusa. Iyo nabaga ngezweho, nafungaga amazuru, nkavuga nti : «Mama, Oya, mu by'ukuri sinshobora kubyihanganira. »

Yangiriye inama nziza, ati : «Mwana wange, niba bitagutera kurwara, nta kintu kiza byakumarira. »

Ni kimwe no kubwiriza iri Jambo. Niba bitabatera kurwara, ku buryo byatuma habaho gutegurwa ibyo kurya byanyu byiza by'umwuka, nta cyo byabamarira. Ni byo. Ijambo rirababohora kandi rikababohora mu by'ukuri, Rimenagura iminyururu.

Murabyizera ? Itorero rikeneye ububyutse bw'Umwuka Wera. Rikeneye gusukurwa kw'inzu. Ibi ni ibizu ; ntimukabigaburire ibyo kurya by'inkoko. Ni ibizu. Mubijyane aho bigomba kwigurukira, bitabaye ibyo, bizapfa. Ni ibyo. Kandi Imana izita ku murage Wayo. Ntiri kure cyane na rimwe. Ihora iri hafi ku bwo kubahagurutsa. Murabyizera ?

75 Noneho reka twubike umutwe ku bw'isengesho. Ni bangahe bifuza ko twabibuka nonaha ? Nibavuge bati : «Mwami, ngirira impuhwe. Mpa ibitekerezo by'ikizu. Ngurukire aho mu ijuru, Mwami, aho ibintu byose bishoboka ku bizera. Ndemamo ukwizera. Tanga ko amababa yange amera. Tanga ko imikaya y'amababa yange ibyibuha ku buryo mbona mu by'ukuri Yesu. » Yoo ! Imana ibahe umugisha.

76 Data wo mu ijuru, yoo, birashoboka ko ubutumwa bwumvikanye nk'ubunenga, Mwami. Ariko ntibyari bigambiriwe. Rwose byari. . . Ni uburyo bumwe gusa kuri nge bwo kumenyesha abantu, Mwami, ibyo nizera ko Ushaka kubamenyesha ku bwo kunyeganyeza itorero, umurage Wawe ukomeye, iri torero rikomeye rya pantekote. Itorero rikomeye nk'uko rimeze, Wanyeganyeje ubwoko bwose bw'impano iruhande rwabo, ubwoko bwose bw'ibimenyetso n'ibitangaza, kandi bagumye bicaye ku ruhande bameze nk'inkoko, inshuro nyinshi. O Mana, babone ko ari ibizu ; bashobore kwigurukira. Rwose bakoreshe ukwizera kwabo noneho bagurukire kure y'ibyo. Kugurukira kure y'iyo mvugo ya kera ngo : «Ntibishobora gukoreka. Aho nta kintu na kimwe gihari. »

O Mana, ndagusaba guha umugisha buri muntu uri aha iki gicamunsi, kandi utume buri umwe muri bo agendagenda hafi, munsi y'amababa ya Yehova. Bitange, Data. Mbaguhaye mu Izina rya Yesu, Umwana Wawe. Amina.

77 Byose bituruka ku Mwami Mana, icyo Akora. Noneho, tugiye gukora umurongo w'amasengesho kugira ngo dushobore gusohoka aha. . . Ndashaka ko mwaza kujya gusenga nijoro. Imana ibahe umugisha. Mukunda Umwami ? Amina.

Reka na none twongere turirimbe indi nshuro, kugira ngo nshobore kubyumva i Tulsa, iri tsinda rinini cyane :

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko Yabanje kunkunda.

Kandi akandonkera agakiza i Kaluvari.

Reka tubyumvikanishe ubu noneho. Ubutumwa bwarangiye. Reka rwose tumuhimbaze.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko Yabanje kunkunda.

Kandi akandonkera agakiza

Ku giti k'i Kaluvari.

Noneho, reka twubike umutwe, kandi tuzamure ibiganza byacu mu gihe ikivunge kiri gutuza ubu.

Ndamukunda, ndamukunda, (Twegere, o Mwami)

Kuko Yabanje kunkunda.

Kandi akandonkera agakiza

Ku giti k'i Kaluvari.

78 [Mwene Data Branham atangira kuririmbira bucece] Byari ibiki ? 100 cyangwa 50 ? 50 ? Ufite ikarita

yo gusengerwa nimero ya 1, zamura ibiganza byawe. Haguruka niba ubishobora, ikarita yo gusengerwa nimero ya 1. H-H nimero 1, muzamure ikiganza cyanyu. Ikarita yo gusengerwa nimero 1, muzamure. . . Muri - muri uwo muntu, madamu? H- nimero 1, muhite muza aha. H nimero 2. . .

79 Intama zazimiye za Israel. Ese ni byo ? Rwose, ni amako angahe ari ku isi ? Amoko atatu : Abakomoka kuri Hamu, Shemu, na Yafeti. Rwose, bari Abayuda, Abanyamahanga n'Abasamariya, barimo hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga. Mwarabibonye ? Ni bangahe bazi ko Yesu yahaye imfunguzo Petero kuri Pantekote ? Ibyo ni byo. Yafunguye imfunguzo z'Ubwami i Yerusalemu ku bw'Abayuda. Ese ni byo ?

Filipo yaramanutse maze abatiza abantu i Samariya. Gusa, Umwuka Wera ntiyari yakabajeho, kuko Petero yari afite imfunguzo. Yaramanutse abarambikaho ibiganza noneho bakira Umwuka Wera : Abasamariya. Ese ni byo ? Hariya, kwa Koruneliyo, ni nde wari warahamagawe aho ? Petero. Kuva icyo gihe, nta kintu na kimwe kigeze kivugwa kuri ibyo. Ibisekuru byose byagombye. . . Amoko yose yafunguriwe Ubutumwa bwiza : Abakomoka kwa Hamu, Shemu, na Yafeti.

80 Noneho, niba mubona. . . Ndashaka ko mwakurikira. Noneho, hariho ubwoko bubiri bw'abantu, bubiri muri ayo moko bwari butegereje Mesiya. Bwari ubuhe ? Bari Abayuda n'Abasamariya. Ariko Abanyamahanga, twebwe twari Abanglo-Saxon. Twari duhetse ingeri y'igiti ku mugongo, turamya ikigirwamana ; ntitwari dutegereje Mesiya.

Noneho, ndimo ndabakurura, niba nabishobora, kugeza umurongo w'amasengesho ugeze, kugira ngo bose bashobore kuba biteguye kwinjira mu murongo.

81 Nyamara, ntitwari dutegereje Mesiya, ndetse ntitwamwakiriye. Ku bw'ibyo rero, noneho, Yabonekeye abari bamutegereje. Rwose, ni bangahe babyizera ?

Noneho, bamaze kwanga Mesiya wabo, icyo gihe... Mwibuke, Yagiye mu Bayuda. Ni ubuhe bwoko bw'ikimenyetso Yerekanye ? Yamenye amabanga y'umutima wabo. Rwose, ni iki itorero rya orthodoxe ryavuze kuri We ? «Ni Belezebule, umupfumu. »

Yesu yaravuze ati : «Ibyo ndabibababariye ; ariko umunsi umwe, Umwuka Wera azaza akora kimwe, noneho kubivuga nabi ntibizigera na rimwe bibabarirwa muri iki gisekuru cyangwa mu gisekuru kizaza. » Ese ni byo ?

82 Noneho, mukurikire. Yasohoje icyo kimenyetso imbere y'Abayuda ; Yagisohoje imbere y'Abasamariya, ariko nta na rimwe imbere y'Abanyamahanga. Ntimushobora kubona urugero na rumwe rwabyo. Oya, mugenzi. Ariko mbere yuko Agenda. . . Noneho, Yabwiye umugore ati. . . Noneho mwitegereze uyu mugore, iyo ndaya, nk'uko tubyita. Yari izi Imana kurusha kimwe cya kabiri cy'abavugabutumwa bo muri Leta Zunze Ubumwe. Ni byo. Ni abanyabwenge cyane, nta mwanya bafite w'Umwuka udasanzwe. Benshi muri bo ni abakiristo beza, bene Data badasanzwe ; ariko bamwe muri bo baracyari inkoko.

83 Hanyuma, yageze aho, noneho uwo mugore muto. . . Yaramanutse, Atuma intumwa Ze, Yicara aho, kuko Abanyasamariya bari bategereje. . . Ni bangahe bazi ko Abanyasamariya bari bategereje Mesiya ? Ibyo murabyizera ? Rwose, munyemerere kubaha Mutagatifu Yohana 4. Rwose, umugore yagiye ku iriba, umugore w'i Samariya. Yaravuze ati... [Akomeza guhamagara umurongo w'amasengesho].

84 Noneho murebe, igihe Yajyaga ku iriba uwo munsi, kandi Akicara ; abigishwa bari bagiye mu mudugudu kugura ibyo kurya. Mu gihe batari bahari, umugore mwiza yaraje afite ikibindi ku mutwe. Yamanuye umugozi kugira ngo avome amazi, yumvise umuntu avuga ati : «Mpa amazi yo kunywa. » Noneho, areba aho abona Umuyuda. Ntiyari afite hejuru ya mirongo itatu, ariko Ibyanditswe bivuga ko Yasaga nk'ufite mirongo itanu. Ni bangahe babizi ?

« Wowe, Umuntu utarengeje imyaka mirongo itanu, none Uravuga ko Wabonye Abrahamu ? » Aravuga ati : «Mbere yuko Abrahamu abaho, Ndiho. » Ibyo ni byo. Noneho, baravuga bati : «Wowe, Umugabo utarengeje imyaka mirongo itanu. »

85 Kandi yari ahagaze aho ku iriba. Yesu yari yicaye ahantu nk'aha noneho Aravuga ati : «Mpa amazi yo kunywa. » (Bagirana amacakubiri nk'ayo twari dufite mu Magepfo, abirabura n'abazungu.)

Aravuga ati : «Si umuco wanyu ko Wowe Umuyuda, Unsaba, ngewe umugore w'i Samariya. . . »

Aravuga ati : «Mugore [Mwumve noneho icyo ndimo kubabwira, muragihomba], mugore, iyo uza kumenya uwo murimo kuvugana, iyo uza kumenya, ni wowe uba wansabye amazi yo kunywa. Kandi Mba naguhaye amazi ku buryo utazongera kuza kuvoma aha. »

Aravuga ati : «Iriba ni rirerire, kandi nta kintu Ufite cyo kuvomesha. »

Ubwo ikiganiro cyarakomeje. Ni iki Yakoraga ? Yakururaga umwuka we. Ni ikintu kimwe ndi gukora ubu ndetse kuri mwe, gushaka kubakurura.

86 Yaravuze ati : «Mpa amazi yo kunywa. » Ikiganiro cyarakomeje kugeza Abonye ikibazo ke.

Ni bangahe bazi uko byari bimeze ? Yabaga mu busambanyi. Noneho,

Aravuga ati : «Mugore, genda uzane umugabo wawe, aze aha. »

Aravuga ati : «Nta mugabo mfite. »

Aravuga ati : «Ni byo. Wari ufite batanu, kandi n'uwo ufite ubu, si uwawe. »

Noneho, ni iki uwo mugore yakoze mu mimerere ye (dutekereza ko yari iy'ubusambanyi, umugore w'imyitwarire mibi) ? Mwumve icyo yari azi ku Byanditswe. Ntiyigeze amwita Belezebule nk'uko abavugabutumwa bari babikoze, bamwita Belezebule, umupfumu, idayimoni. Kandi umuntu wese azi ko ubupfumu ari ubw'umubi. Noneho umupfumu ni iki ? Ni ikintu gicuritse.

87 Umubi nta kintu na kimwe ashobora kurema. Niba ari umuremyi, ashobora kwiremera isi. Ariko ashobora kuyobya ibyo Imana yaremye. Murabyumva ? Ibyo bisa n'ibyerura cyane mu cyumba kirimo abantu b'ingeri zose. Umugabo ashobora gushaka umugore kandi bakabana nk'umugore, kandi uburiri ntibube bwanduye. Igikorwa kimwe hamwe n'undi mugore, biba bimurangiranye. Murabona, ni ukuyobya ikintu cy'ukuri. Murumva icyo nshaka kuvuga ? Satani arayobya. Umupfumu, ni umuhanuzi w'Imana wayobye : wayobeye mu gice cya Satani.

88 Noneho, murebe. Ntiyigeze abimwita. Yaravuze ati : «Mwami, ndabona ko Uri Umuhanuzi. » Ni bangahe bazi ko yabivuze ? Rwose bitandukanye n'ibyo abo bavugabutumwa bavuze.

Yaravuze ati : «Ndabona ko Uri Umuhanuzi. » Rwose, mukurikire, mwumve. « Twebwe, Abasamariya, turabizi, twarigishijwe, tuzi ko igihe Mesiya azaza, Azakora ibyo bintu. » Icyo cyari ikimenyetso cya Mesiya ? Cyari icyo ? «Tuzi ko igihe Mesiya azaza, Azakora ibyo bintu, none Wowe, Uri nde ? »

Yesu aravuga ati : «Ni Ngewe ukuvugisha. » Yirukira mu mudugudu abwira abantu ati : «Muze murebe Umuntu wambwiye ibyo nakoze. Ntiyaba ari Mesiya ubwe ? »

Ariko Ntiyigeze abikorera imbere y'Abanyamahanga. Ariko hari ubwo Yari yarabisezeranije Abanyamahanga ? Kubera iki ? Twagize imyaka ibihumbi bibiri yo kwiga rwose kimwe nk'uko Abayuda n'Abasamariya bayigize, yo kwiga, yo gutegereza Mesiya.

89 Nyamara Yesu yaravuze ati : «Ibyabaye mu gihe cya Loti na Sodomu bizongera bibe mu Kuza k'Umwana w'umuntu. » Noneho, mukurikire. Mu gihe cya Sodomu, bagize ububyutse hamwe n'abanyabwenge, nka Loti. Billy Graham ugezweho, yamanutse yo kandi abwiriza Ubutumwa bwiza, yabateje ubuhumyi. Ariko mukurikire... Abrahamu yari itorero ryatoranijwe, Pantekote, ryahamagariwe gusohoka, ryatandukanijwe n'ibintu by'isi.

Noneho, hariho abapantekote mu itorero rya Metodisiti. Hariho abapantekote mu itorero ry'Ababatisita. Kuba umupantekote, si idini ; ni ubuzima umuntu wese ubishaka ashobora kugira. Abapantekote b'abanyedini ntibafite umugisha n'umwe wa Pantekote. Abagatolika bashobora kuwugira. Muri umupantekote kubera ko mwakiriye umugisha wa Pantekote mu mutima wanyu.

90 Ni ukuvuga ko Abrahamu yari yaratoranirijwe gusohoka. Kandi uwo Marayika wari wicaranye aho na Abrahamu, nyuma yuko Marayika agiye, yamwise Umwami, Elohimu.

Ni bangahe bazi ko Elohimu yari Yehova Imana Ikomeye ? Nta gushidikanya. Uwiteka Imana. Noneho Yicara ateye umugongo ihema. Mwitegereze ibyo Yabwiye Abrahamu. Rwose, Yari umunyamahanga, ntiyari yarigeze aza aho mbere. Aravuga ati : «Aburahamu, umugore wawe Sara ari he ? » Ni gute yamenye ko yari afite umugore ? Kandi ni gute Yamenye ko izina rye ryari Sara ?

Noneho, Bibiliya ivuga ko Abrahamu yamubwiye ko yari ari mu ihema inyuma Ye. Mu ihema inyuma Ye. Aravuga ati : «Abrahamu, Nzagusura mu gihe cy'ubuzima ; wa mwana Nagusezeranije, Nzamuguha. » Noneho Sara asekera mu mutima we, ariko bitari cyane. Noneho Marayika, ateye umugongo We ihema, aravuga ati : «Kubera iki Sara asetse ? » Murabibona ? Yesu yavuze ko ibyo bizaba mu Banyamahanga rwose mbere y'igihe k'imperuka : Mesiya azamanuka mu ishusho y'Umwuka Wera.

91 Ni iki kintu cya mbere Mesiya yatangiye gukora igihe Yabatizwaga n'Umwuka Wera kuri Yorudani ? Ni iki Yakoze ? Yatangiye gukiza abarwayi. Ni iki cyari ikimenyetso ke cya nyuma, n'ikimenyetso ke mbere yo kubasiga ? Icyo kimenyetso kimwe. Ni iki ububutse bwa Pantekote bwabyukije ? Gukira indwara, ibitangaza n'ibimenyetso. Ikintu cya nyuma ni ikihe ? Ni iki.

Ni bangahe bari aho barwaye kandi badafite ikarita yo gusengerwa ? Muzamure ikiganza cyanyu. Mugire ukwizera kandi mwizere.

Umuntu umwe aravuga ati : «Bimeze bite kuri ibyo, Mwene Data Branham ? » Uwo Mwuka w'Imana, Uwo watanze isezerano, ntashobora kuneshwa ku isezerano.

92 Mwe mudafite amakarita yo gusengerwa, ndabahindukiriye. Musenge. Kandi niba Imana ari Imana, niba isezerano Ryayo ari ukuri, kandi nkaba nababwiye ukuri, muri ibi byumweru byose, ko ibi ari ikimenyetso cyo kugaragara Kwe kwegereye…

Umuntu wese usanzwe kandi ujyana n'igihe azi ko turi ku musozo w'ikintu runaka. Iterambere ntirishobora kuguma kubaho ; riri gutigita kandi riri kunyeganyega. Ni iki dutegereje ? Twarengeje igihe ubwo ibyo byagombaga kubaho, nko mu gihe cya Nowa… Kwihanganira umubabaro. Ni igihe cyo kugendera ku ifarashi ku bw'abatoranyijwe, twarengeje igihe ; ariko Imana itegereje gushyira itorero Ryayo muri gahunda. Iradutegereje, mwebwe nange. Reka Ishobore gutanga imigisha. Musenge.

93 Igihe umugore yakoraga ku madinda y'umwenda We. . . Bamwe muri mwe bagore aho noneho. . . Reka ibi bibe nk'inkuru ya Bibiliya. Bamwe muri mwe, bagore, mwizera ubu, mwizera ko mufite ukwizera guhagije ko kwizera Imana, mwizere ko ibyo Imana yavuze byose ari ukuri. Habayeho umugore muto wakoze ku mwenda We, noneho, Arahindukira, arabaza ati : «Ni nde unkozeho ? Ni nde unkozeho ? » Noneho bose barabihakana.

Bavuga bati : «Rwose, buri muntu ari kugukoraho. »

Petero, abisubiramo, avuga ati : «Buri muntu ari kugukoraho. Kubera iki Uvuze gutyo ? »

Aravuga ati : «Ariko Namenye ko Nacitse intege. » (Ubwo ni bwo busobanuro bwiza.) «Imbaraga yansohotsemo. » kandi imbaraga ni ingufu. Ni bangahe babizi ? «Imbaraga yansohotsemo. »

Noneho Araranganya amaso mu kivunge kugeza abonye uwo mugore muto, noneho Amubwira ko kuva amaraso byahagaze, kuko kwizera kwe kwamukijije. Ese ni byo ? Bibiliya ivuga ko ubu Ari Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho n'amarangamutima y'ubumuga bwacu. Mwebwe abashya ibyo murabyizera ?

94 Noneho, mwibuke, gukira indwara. . . Iyo Aza kuba ahagaze aha muri iyi kositimu Yampaye, Ntiyashoboraga kubakiza. Iyo muza kuza aha ku ruhimbi mugira muti : «Mwami, Urashaka kunkiza ? » Muzi icyo Yari bubabwire ? «Namaze kubikora. Nacumitiwe ibyaha byanyu. Mwakijijwe n'imibyimba Yange. » Agakiza no gukira indwara, ni umurimo warangiye. Ni ukwizera kwanyu ku bwo kwemera ibyo. Noneho, Yakora ikintu runaka ku bwo guhamya ko Ari Mesiya. Rwose, ibi bintu ntibyerekana ko ngewe, ndi Mesiya ; ndi umunyabyaha wakijijwe k'ubuntu. Kandi urwego rwose Imana ishobora kunsigaho, namwe Igomba kubasiga. Ibyo ntibizakunda rwose hamwe nange ngenyine ; mugomba kuba muri aho kugira ngo mutume bigenda. Urwego Umwuka Wera ashobora kunzaho, namwe Agomba kubazaho. Ariko niba Ari Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho n'amarangamutima y'ubumuga bwacu, kandi ko Bibiliya ivuga ko Ari uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose, noneho Azabigenza kimwe. Ari aha muri twe. Murabyizera ?

95 Noneho, reka buri muntu agume mu kicaro ke. Mwubahe, musenge. Kandi Umwami Mana atange ko. . . Rwose, Mwami, ndagusabye. Aba bantu b'igikundiro... Mwami, Uzi intego yo kuba ndi aha, kandi ndagusaba kubereka, bashobora na none kureba, kubamenyesha ko Kuza k'Umwami kwegereje. Bamenye ko ubu butumwa bigaragara ko bukomeye, bubakangure. . . si ku bwo kugira nabi, si ku bwange, ahubwo ni ukubera ko Wabisize kandi Wabivuze.

Bihamirize, Mwami. Navuze ku Bwawe. Vuga ku bwange, Mwami ; reka amagambo yange abe ukuri kubera ko yaturutse kuri Wowe. Mbisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

96 Mwakire umuhamagaro wanyu. Ntimuhombe umunsi wanyu. Ni bangahe kuri uyu murongo w'amasengesho batanzi ? Muzamure ikiganza cyanyu, mwebwe mwese mutanzi. Mwebwe mwese mutanzi, muzamure ibiganza byanyu. Nta muntu n'umwe nzi keretse Gene Goad wicaye aha, Pat Tyler uri aho. Ni bo bonyine mbona ; muhungu wange, bahagaze aho inyuma ; ni bo bonyine nzi.

Uwo mugore wicaye aho, wibyiringira mu maso, wambaye ingofero y'umutuku, wicaye aho ndetse, mwizera ko Yesu yabumvise igihe mwamusabaga gukiza ubwo bubabare bw'umutwe bwatewe na sinuzite ? Mwizeye ko Yabumvise ? Ni ku bw'ibyo muri gusenga, si byo ? Niba ari byo, muhaguruke. Niba ari ukuri, muzamure ikiganza. Niba ntabazi, kandi mukaba mutanzi, muzamure ikiganza, muzamure ikindi kiganza, ibiganza bibiri. Madamu ? Mwigeze muza mu bubyutse bwange mbere ? Ariko ndashaka kuvuga ko ntabazi. Oya, byiza cyane.

97 Ni byo. Noneho, byacogoye. Mushobora gutaha iwanyu mumeze neza. Ndashaka kubabaza ikintu kimwe. Ni iki wa mugore yakozeho ? Dore ikiganza cyange. Sinibuka. . . Yaje mu materaniro. Rwose, muzavuga muti : «Bimeze gute ku muntu umwe aho hejuru ku rubaraza, cyangwa aha hasi, wenda mu materaniro mu gihe runaka mbere ? » Sinamenya uwo muri we. Ibyo nzi gusa, ni uko mwa. . . Mwaje mu iteraniro.

None ari aho. Yakoze ku kintu runaka. Noneho ni iki... Mu kanya gato navuze ko iyo nkingi y'umuriro, ntimubona... ni bangahe bafite ifoto yayo ubu ? Bayizanye aha mu iteraniro. Rwose, Ibyo birasa n'inkingi y'umuriro, si byo ? Noneho, ubuzima bwabyo, ni iki ibyo bitanga ? Si ngewe noneho ; ni yo ! Ni iki bitanga ? Ya mirimo imwe byakoze igihe byari mu Mwana w'Imana. Noneho biri mu bahungu n'abakobwa

bahinduwe abana b'Imana, binyuze mu buntu bw'Umwana w'Imana nyakuri.

98 Aho nyine, mugenzi, murashaka gukira ubwo burwayi bw'umutima ? Mwizera ko Imana izabakiza mu gihe mwicaye aho ndetse ? Mwarebaga, mwibaza ibibazo noneho, mu kanya gato, ibyiyumviro bidasanzwe birabinjira. Ni byo. Simbazi. Niba ari byo, muzamure ikiganza. Mwizera ko uburwayi bwanyu bw'umutima bwarangiye ? Mubyerekanishe ikiganza. Byiza cyane. Noneho, byarangiye. Murizera ?

Aha hari umudamu wicaye aha. Ntimushobora kubona urwo rumuri ruri hejuru y'uwo mugore ? Arwaye agasabo k'indurwe. Araza kubihomba. Mana, fasha. Madamazela Small, mwizera ko Imana iri bubakize ubwo burwayi bw'agasabo k'indurwe ? Muhaguruke noneho. Mwari mufite ukwizera guhagije mutatekerezaga ko mufite. Sinzi uwo mugore, byari ubuntu bw'Imana. Niba tutaziranye, muzamure ikiganza gutya, madamu. Simbazi ? Ariko icyo Yababwiye, ese ni ukuri ? Muzamure ikiganza. (Icyo Yavuze. . .) Ni byo. Mugire rwose ukwizera noneho mwitahire iwanyu mumeze neza. Niba mushobora kwizera. . .

Uyu mugore wicaye aha ndetse urwaye umugongo, mu mugongo. Yego, Effie, ni we mvuga. Muhaguruke, Effie. Iyo ni yo yari indwara yanyu ? Simbazi. Niba ari ukuri, muzamure ikiganza. Sinigeze mbabona mu buzima bwange. Imana mu ijuru ibyo irabizi. Mutahe mu rugo. Byarangiye. Imana ibahe umugisha.

99 Nimupfira mu byaha byanyu, ntibizaba ari ikosa ry'Imana. Mushobora kuba indahemuka cyane ku itorero ryanyu, ariko umunyabyaha ni umutizera. Mwizere Imana.

Byiza cyane. Noneho, aba bantu aha, uyu ni umurongo w'amasengesho ku bwo kurambika ibiganza ku barwayi. Muri bubyizere nta cyo mwitayeho ? Noneho, ni abantu badafite amakarita yo gusengerwa, aho hari umurongo wo kurondora, aho mu cyumba, badafite amakarita yo gusengerwa. Noneho, mwebwe abandi, mutangire mwizere. Ntimwimuke. Murabona, buri umwe muri twe ni umwuka. Murabona ? Buri umwe muri mwe ni umwuka. Mwari mubizi ? Niba atari ko bimeze, muzapfa. Rwose ni umwuka wanyu ndi kuvuga, ariko si mwe. Ni umwuka wanyu.

100 Muze aha, mdamu. Mwizera ko ndi umugaragu w'Imana ? Twese ntituziranye. Ntunzi, nange sinkuzi. Niba ibyo ari ukuri, ku bw'ibyo abantu bari ku rubaraza bari bwumve, rwose muzamure ibiganza byanyu niba tutaziranye, niba tutarigeze duhura. Dore ifoto. Kuko umuntu wa mbere mu murongo ari umugore, dore Mutagatifu Yohana 4 : Umugabo n'umugore bahuye bwa mbere mu buzima.

Niba uyu ari Umwuka wa Kristo uri aha hagati yacu, noneho Azasohoza imirimo ya Kristo. Ndabasabye, ntimuve aho muri.

Rwose, muri make mwarabyangije. Mukomeretsa abandi. Murabona, ngenzura buri umwe muri mwe. Ndimo ndagerageza kubafasha. Rwose mutuze kandi mwubahe. Byiza cyane.

101 Umwami nambwira ikintu runaka kuri mwe. . .Iyo nza kuza aha. . . wenda murarwaye ; wenda ntimurwaye, ariko niba murwaye noneho nkaza aha nkabarambikaho ibiganza noneho nkavuga nti : «Muri bukire, madamu », mushobora kubyizera kubera ko ari ukuri. Ariko niba Umwuka Wera ari aha kandi. . . Kandi iyo biza kuba Umwami Yesu wambaye iyi kositimu uhagaze aha noneho mukavuga muti : «Nkiza, nkiza, Mwami », Yavuga ati : «Namaze kubikora. » Ariko Yakora ikintu nk'uko Yabigenjereje wa mugore ku iriba, kugira ngo abamenyeshe ko ari We. . . Ni gute Yabimenyesheje umugore ? Amubwira ikintu cyabaye mu buzima bwe. Ese ni byo, bantu bari kumva ? Mwebwe mwese bashya ? Yavuze ikintu cyabaye mu buzima bwe.

Noneho, Navuga ikintu kiri kuba mu buzima bwanyu, nk'uko Yabikoreye Simoni Petero cyangwa nk'uko Yabikoreye umuntu umwe muri Bibiliya, nk'uko Yabikoze, noneho ibyo bizababaha ukwizera kwinshi. Ibyo bizaha buri umwe muri mwe ukwizera ko kwizera ?

102 Noneho, ibyo biri hano, ntibihishe inyuma y'irido y'umukara, si imbaraga za satani, ahubwo ni hano ku ruhimbi hamwe namwe. Dushingiye ku magambo ya Bibiliya. Bishobora kunyeganyeza tewolojiya, ariko ni Ibyanditswe nubwo bimeze bityo. Murabona ?

Niba nashoboraga kubafasha noneho simbikore, naba ndi umubeshyi. Sinaba nkwiriye guhagarara aha iruhande rw'iyi Bibiliya, niba nashoboraga kubafasha kandi simbikore. Sinshobora kubikora. Ibyo nshobora gukora byose, ni ugutuma mumenya ikintu kimwe, ko Kristo ari aha ku bwo kubakiza, kubakiza niba murwaye. Murarwaye.

Mubujijwe amahoro n'uburwayi bwa kigore, ni uburwayi bw'umugore. Ni byo. Niba ari ukuri, muzamure ikiganza.

Kugira ngo mumenye ko ntafokesha... rwose umunota umwe. Mushyire ikintu runaka ku mutima wanyu ubu nonaha, noneho mwisengere ubwanyu mu mutima wanyu ku bintu byose mushaka ko Imana yakora. Yego, mufite ikintu runaka ku mutima ubu ndetse. Ni umugabo wanyu. Ni umugabo wanyu.

Mwizera ko Imana ishobora kumbwira ikitagenda kuri we ? Hari ikintu kitameze neza mu bwonko. Ibyo byatewe no gukomera ku mutsi wo mu bwonko. Ni ukuri. Ni byo. Imana nimbwira uwo uri we, ibyo bizatuma mugira kwizera kwinshi ? Ibyo mubyizeye n'umutima wanyu wose ? Nancy Gillespie, mwitahire iwanyu, Yesu Kristo yabakijije ndetse n'umugabo wanyu, kandi Irabagaruye. Mumushyire uyu muswaro. Ni byo, si byo ? Ni byo. Mukomeze inzira yanyu.

103 Noneho, mwizeye Imana ? Mugire gusa ukwizera ; ntimushidikanye. Noneho, ngiye gusaba iri torero rikomeye riri aha kwemera gusengana nange ku bw'aba bantu ; ni umubyeyi w'undi muntu, ni papa w'undi muntu, ni umukunzi w'undi muntu, ni umugabo w'undi muntu ; musenge, ntimuve aho muri, ndabasabye. Muba muri kwangiza muri make iteraniro. Mugume mutuze kandi musenge. Turabasezerera mu minota icumi ariko gusa nimuguma mukubaha.

Madamu, muze. Ntababwiye ijambo na rimwe ariko nkabasengera, ibyo mubyizera ? Mwami Yesu, ndagusaba kumukiza, mu Izina rya Yesu.

Muze, mwene Data. Mwizere n'umutima wanyu wose. Data wa twese uri mu ijuru, mu Izina rya Yesu Kristo, mukize. Amina. Imana ibahe umugisha, mwene Data. [Mwene Data avugisha mwene Data Branham.] Yoo, ibyo rwose ni. . . Ibyo nta cyo bihindura kuri twe. Noneho, biri muri gahunda.

Nzi ikibazo mufite, ariko nta kintu bimaze kukibabwira. Niba ibyo. . . Ibyo byabafashe mbibabwiye ? Ibyo ntibyabafasha. Ni byo. Ariko uko bimeze kose, uburwayi bwanyu bw'umutima bwababavuyeho igihe mwavaga aho. Noneho mukomeze muri make inzira yanyu mwishimye, muvuga muti : «Urakoze, Mwami. »

104 Muze, mugenzi. Mu Izina ry'Umwami Yesu, Data, ndagusaba kumukiza. Amina. Mwizere noneho.

Noneho mugire kwizera, mushiki wacu ; muze nka. . . ibi byose. . . Murebe, aha hari hafi ibihumbi bitatu by'abantu babasengera ubu. Mu Izina rya Yesu, akire. Bitange, Data.

Ngwino, mugenzi, ubu bubabare bwo mu ngingo bwazabahitana umunsi umwe niba mudafite ukwizera ubu. Noneho murabyizeye ? Noneho mugende kandi mukire mu Izina rya Yesu Kristo.

Ngwino, mushiki wacu. Data wo mu ijuru, mu Izina ry'Umwami Yesu, kiza mushiki wacu.

Muze mwizeye noneho. Reka buri muntu yizere kandi asenge.

Data wo mu ijuru, ndagusaba kumukiza mu Izina rya Yesu. Amina.

Mwene Data, muze noneho, niba twabonye amayerekwa ku muntu wese, ibyo rwose bishobora... bagomba kunkura ku ruhimbi. Murabona ? Nakwitura hasi. Ariko kugira ngo mubimenye, mukomeze, muze gufata ibyo kurya byanyu by'iri joro. Mu by'ukuri biraba biryoshye. Ibyo bibazo by'igifu byababavuyeho. Murabona ? Mugende kandi mukire. Imana ibahe umugisha.

105 Muze, mushiki wacu. Ndi kubikora ku bw'impamvu, nigiye hirya, nshuti, kubera amayerekwa. . . Ni bangahe bazi ko Yesu yavuze ati : «Imbaraga yansohotsemo ? » Ubu noneho ndi, ndumva mfite intege nke cyane. O Data, ndagusaba gukiza mushiki wacu, mu Izina rya Yesu. Bitange.

Muze, mushiki wacu mukundwa. Ubu ntimushidikanye. Muze mwizeye n'umutima wanyu wose. O Mwami, mu Izina rya Yesu Kristo, kiza mushiki wacu.

Muhe insinzi, Mwami. Muze, mushiki wacu. Bibiliya iravuga iti : «Dore ibitangaza bizagumana n'abazizera. » Mu Izina rya Yesu, akire.

Muze, mushiki wacu. Uburwayi bwanyu bw'umugongo bwababavuyeho, kugira ngo mushobore gukurikira inzira yanyu mwishimye noneho.

106 Murizera ? Rwose, kubera iki ? Mwumve. Ndashaka kubabaza ikibazo kimwe. Mwumve, nshuti. Igihe aba bantu banyuraga aha, Bibiliya iravuga iti : «Bazarambika ibiganza ku barwayi, kandi abarwayi bazakira », bihwanye no kubavugisha. Ntimubyizera ? Nta gushidikanya murizera.

Murebe aha, mugenzi. Mwizera ko ndi umugaragu Wayo ? Noneho, aho, yari umugore nahagaritse hashize akanya gato ; mwebwe, muri umugabo. Mwizera ko Imana ishobora kumpishurira uburwayi bwanyu kandi ikabakiza ? Mufite. . . Yego, mugenzi. Mwami, mwa. . . ikibazo cyanyu k'igifu, ni ikintu kibabuza amahoro. Ni byo. Yego, mugenzi ; yego, mugenzi. Imvubura zanyu za prostate. Yego, mugenzi. Kubera ko prostate yanyu ibatera kurabukwa, ibyo ni byo bibabuza amahoro. Ni byo rwose. Mutekereza ko umugore wanyu na we azashobora gukira niba mwizera ? Ni byo. Nimwizera n'umutima wanyu wose, ubwo umugore wanyu ashobora gukira. [Mwene Data aravuga ati : «Ararwaye. »] Yego, kurabukwa, ibibazo, intege nke n'ibindi. Ubu mwizeye n'umutima wanyu ko aza gukira ? Mukomeze inzira yanyu kandi muvuge muti : «Urakoze, Mwami Yesu mukundwa », kandi ari bukire na we.

Mwami Yesu, ndagusaba gufasha uyu, o Mwami, kandi utume biba. . . icyubahiro k'Imana kizamuzaho kandi azakira. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amina. Noneho, mugende mwizeye, bwana Dobbs, kandi mwizere

n'umutima wanyu wose, kandi mukire.

107 Byiza cyane, mugenzi. Ngwino, mugabo. Data wo mu ijuru, ndagusaba gukiza mwene Data no kumugarurira, mu Izina rya Yesu.

Muze, mushiki wacu mukundwa ; mumwizere n'umutima wanyu wose ubu. O Mana, Data wa twese, ndagusaba kumukiza, mu Izina rya Yesu.

Muze, mwene Data. Muzane umwana. Ubu ntimushidikanye. Muhite mumuzana noneho nkaho mwaba munyuze munsi y'umusaraba. Mwami, mbahaye umugisha mu Izina rya Yesu. Amina.

Ngwino, mushiki wacu. Muze mwizeye ubu n'umutima wanyu wose. Kandi, Data, mu Izina rya Yesu, ndagusaba kumukiza. Amina.

Ubu mwizere kandi mwubahe cyane. Mwizere n'umutima wanyu wose. Mu Izina ry'Umwami Yesu, akire, Mwami. Amina.

Muze mushiki wacu, mwizeye n'umutima wanyu wose. Mwizere ko aza gukira noneho kandi azongera kubona n'ibindi byose. O Mwami, ndagusaba kumukiza mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

108 Undi mugoroba, mu gihe nasengeraga umuhungu muto w'imyaka hafi cumi n'itanu, cumi n'itandatu, yanyuzeho, umuhungu muto, hamwe n'ukwizera gukomeye. Naramurebye ; ndavuga nti : «Rwose, urazi, muhungu muto. » Noneho ubwo, yaje kugenda, yahise amanuka, umuhungu muto wavutse ari impumyi yaje kubona noneho arasakuza cyane ati : «Yoo ! Mwene Data Branham, nshobora kubona. »

Aha hari umugozi waturutse ku mwana, umwana wabyimbye umutwe, umutwe wahise uba muto, mu ijoro rimwe, mukunyuraho gusa, ibintu biraba. Ubwo rero mugomba kwizera. Murabona ? Ntimuri inkoko ; muri ibizu.

109 Muze. Mu Izina rya Yesu, Umwami, nakire ku bw'icyubahiro k'Imana. Amina.

Muze mwizeye, mugire ukwizera. Murabizi, mu buryo bumwe cyangwa ubundi. . . Muzi icyo ndimo gutekereza, nshuti ? Sindi - sindimo gucyaha abantu, ariko ndashaka ko mwamenya ikintu kimwe : dufite televiziyo nyinshi mu buzima bwacu. Turashaka ibidushimisha. Turashaka. . . Imana ntibereka ibintu byo kubashimisha. Ishaka ko mwamenya Ubwiza Bwayo. Ibi bintu bishobora kuba ku muntu wese, ariko ibyo byanyica mu by'ukuri. Yoo ! Sinarangiza umurongo.

Muze, aha, madamu. Mwebwe nange ntituziranye hagati yacu. Mutekereza ko Imana ishobora kumpishurira indwara yanyu ? Ibyo byababafasha ? Ibyo byababafasha mwebwe mwese Imana ivuze ikintu ubu kuri uyu mugore ? Ni ku bw'ugutwi kwanyu. Mwizera ko Imana izabitunganya ? Mufite ubwoba ko byaba ari kanseri. Ni ku gutwi kwanyu kw'ibumoso. Ni. . . Ese ni byo ? Rwose, ibyo byari bihari, ariko ntibigihari ubu.

Noneho, nimurebe. Mwizera Imana ? Imana nimbwira uwo muri we, ibyo birababafasha ? Ni byo, Ruby Constance, mutahe iwanyu kandi mumere neza mu Izina rya Yesu Kristo. Murabona ? Mugire kwizera.

110 Noneho muze. Ntimushidikanye. Imana ishobora kumpishurira uburwayi bwanyu, ibyo byatuma. . . Mutekereza ko ibyo byababafasha ? Noneho ni diyabeti, uburwayi bw'umutima, mukomeze inzira yanyu, mukire kandi mwizere Imana. Yego, rwose ni ubusaza bubakubise. Noneho, mutangire gusa mwizere.

O Mwami, ndagusaba gukiza mwene Data no kumugirira neza. Amina. O Mana, bitange.

Muze, mushiki wacu mukundwa. Mu Izina ry'Umwami Yesu, nakire. Amina. Mu gihe turi gusaba umugisha ku Mana, ni gute ibyo bishobora gutsindwa ?

Mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo, bigende bityo, Mwami. Amina.

Ngwino, mwene Data. Mu Izina rya Yesu Kristo, mwene Data nakire. Amina. Muze, mwene Data mukundwa. Imana ibahe umugisha.

Zana mama. Muze, mushiki wacu. Mu Izina rya Yesu Kristo, mukire.

Muze, mu Izina rya Yesu Kristo, reka mushiki wacu akire, Data. Yego, mwizere ubu. Ikintu nk'icyo kiraba aho hasi, niba mudashidikanya.

111 O Mana, ha umugisha uyu mwene Data mukundwa w'umukene. Ndagusaba, Data wo mu ijuru, kumukiza no kumugirira neza. Reka ashobore guhumuka kandi amere neza, mu Izina rya Yesu. Amina.

Noneho mugire ukwizera. Ntimushidikanye. Sinshobora gukiza. Ari hano neza. Ni Umukiza w'indwara. Ntimushidikanye. Mubigenze nk'impumyi Barutimayo : mukomeze mushakishe ikiganza cyanyu. Mu Izina rya Yesu Kristo. . . Reka uyu mushiki wacu akire.

Byiza cyane. Muze, mushiki wacu mukundwa. Buri muntu, mu by'ukuri, mwizeye. . . ?

Hari ikintu cyabaye. Rwose umunota umwe. Uwo muntu wicaye aho, mwari murwaye asima, mugenzi. Ni byo. Mwarimo gusenga. Mwahindukiye muvuga muti : «Birahebuje, si byo ? » Ngiye kubabwira ikindi kintu, bakebye hafi bibiri bya gatatu by'igifu cyanyu kubera ikibazo k'igifu. Ni ukuri, si byo ? Niba ari byo, muzunguze ikiganza. Ntituziranye umwe ku wundi. Yesu Kristo yabakijije. Ukwizera kwanyu kwabakijije. Mukomeze inzira yanyu mwishimye. Yoo ! Ntimushidikanye, mwizere.

112 Byiza cyane, madamu. Mwihangane umunota umwe. Noneho, ntimuri aha ku bwanyu. Muri aha ku bw'undi muntu. Ni byo. Kandi musaza wanyu ntari aha. Musaza wanyu ndetse ntari muri iyi Leta. Ari i Saint Louis. Ari mu bitaro. Arwaye kanseri, ari. . . yabaye umuvugabutumwa. Kandi mwatekerezaga ko nje nkabarambikaho ibiganza, mwashobora. . . sinari nzi icyo navugaga, ariko nari mbizi. Rwose mukomeze inzira yanyu. Ubu ari bukire kandi abe… Byiza cyane, mugire kwizera. Mukomeze gusa.

Aha hari undi mugore utekereza ikintu kimwe ubu ndetse, ku bijyanye n'umukobwa we wishwe. Madamu Weatherman. . . Waterman, ni ibyo. Madamu Waterman, mwizere n'umutima wanyu ubu. Umukobwa wanyu yatwawe ku bw'impamvu. Ntimushidikanye, mwizere Imana.

113 O Mana, mu Izina rya Yesu Kristo, nakire. Amina. Muze mwizeye ubu n'umutima wanyu wose.

O Mwami Mana, Muremyi w'ijuru n'isi, tanga gukira k'uyu mugore, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Noneho mwizere. Noneho, murebe. Nta muti uhari ; ariko hari umuti w'ijuru. Ni byo. Murabyizera, ko muzamera neza kandi mukagira ubuzima bwiza ? Mvumye iyi dayimoni yakoreye ikintu kibi uyu mwana. Kandi nkuye uyu muvumo kuri we, mu Izina rya Yesu Kristo. Abe umwana usanzwe. Amina. Ibyo bigomba kuba. Ni byo.

Mugende mwishimye, mumere neza kandi mufate ibyo kurya byanyu bya nijoro kandi. . . Byiza cyane.

Ngwino mugenzi, mwizeye n'umutima wanyu wose. Mu Izina ry'Umwami Yesu, akire. Amina.

114 Ibyo byakubise ahantu henshi mu materaniro, rwose umunota umwe. Ni bangahe aha barwaye igifu mu buryo ubwo ari bwo bwose ? Muzamure ikiganza. Rwose ni benshi cyane ku buryo ntashobora. . . Murareba aho ? Buri umwe muri mwe arwaye igifu, muhaguruke. Ni aha mubikirira. Rwose muhaguruke umunota umwe.

Muhagarare mutuje, mugenzi. Mugende mwizeye, mwene Data. Mu Izina rya Yesu Kristo, mushobore gukira.

Noneho, muze. Mwizere n'umutima wanyu wose. Murizera, mushiki wacu ? Mu Izina rya Yesu Kristo, mushobore gukira.

Kurabukwa, ni ko mwagumye kuba ubuzima bwanyu bwose. Imana ibahe umugisha. Umuntu wese ubuzwa amahoro n'uburwayi bw'imitsi n'impyiko, muhaguruke. Muhaguruke, umuntu wese ufite icyo kibazo. Mugende, mwizeye noneho kandi mugire ukwizera muri Yesu Kristo. Muhagarare aho ndetse.

O Mwami Mana, ndagusaba kugirira impuhwe mwene Data no kumukiza mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Mugire kwizera. Ubu murizeye, mushiki wacu mukundwa ? Mu Izina ry'Umwami Yesu, nakire, Data, ku bw'icyubahiro k'Imana.

115 Hari ikintu kiri kuba. Ni ibyo gusa, Billy ? Yego, muze aha, mugenzi. Ntituziranye hagati yacu ? Imana twembi iratuzi, si byo ? Yoo ! Ibyo biri kubera ahantu hose.

Mwibuke, bavugabutumwa, bene Data, bene Data bizu, b'igiciro, nyuma yo kuva kwange aha, mu byumweru bike, muzabona iteraniro ryanyu rihamya gukira uburwayi kwaryo. Bakize, ariko ntibabizi. Murabona ? Murabona ? Ibyo biri kubera ahantu hose. Kubera iki tudashobora kugira ukwizera nk'uko kuva ku itangiriro, nshuti ? Ni ibyo.

Mwizeye ko Imana ishobora kubafasha ? Mwizera ko Imana ishobora ikibazo cyanyu ? Mufite uburwayi bw'umutwe bukomeye. Mufite isereri. Ibyo biri guterwa n'ikibyimba mu ijosi. Ni byo. Mwizera ko Imana izi uwo muri we ? Muri umubwirizabutumwa. Izina ryanyu ni Revera Jack Cole. Ni byo rwose. Mugende, mwizere, mugenzi.

116 Abarwaye bose isereri no kuribwa umutwe, muhaguruke. Urwaye wese, ahaguruke. O Mana, ni iki gishobora kuba iyaba gusa ibyo byashoboraga. . . Ni iki gishobora kuba ? Ibyo murabyizera ? Ni abizera bangahe aha bemera ko ibi ari Umwuka Wera ? Muzamure ikiganza. Sinshobora gukora ibyo bintu.

Muri abizera ? Murambikaneho ibiganza, noneho mutegeke satani kuva ku muntu mwarambitseho ibiganza. Isengesho ryanyu rifite agaciro nk'iryange. Murambikaneho ibiganza. Ni byo, madamu, aho

hejuru ; igituntu cyabavuyeho aka kanya. Prostate yabavuyeho, mwene Data. Mushobora kumanura ibiganza byanyu noneho mugasakurishwa n'amashimwe… Hamwe n'uyu mugore muto uhagaze aho ndetse. Byagiye burundu. Yesu Kristo arabakijije.

117 Ni icyo kintu, nshuti. Dushimire Imana. O Mwami, Uri aha. Nciriyeho iteka satani mu mirimo ye yose. Nirukanye buri mwuka mubi wose. Satani, wambitswe ubusa. Wacyashywe mu Izina rya Yesu Kristo. Ndagutegetse, mu Mana nzima : sohoka muri aba bantu. Ntushobora kongera kubatera kurushah gushidikanya. Umwuka Wera yigaragarije imbere yabo. Ntushobora kongera kubatera gushidikanya. Barambikanyeho ibiganza hagati yabo. Yesu yaravuze ati : «Dore ibitangaza bizaherekeza abazaba bizeye : bazarambika ibiganza ku burwayi, kandi abarwayi bazakira. » Satani, birakurangiranye. Yesu ari hafi, Uri Imana yo mu ijuru. Reka imbaraga y'uburwayi n'imbaraga y'amadayimoni bisennywe kuri aba bantu. Mu Izina rya Yesu Kristo.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7